

IBITEGA BITOBOTSE



Mwami, ndizeye, Mwami, ndizeye,
Ibintu byose birashoboka, Mwami, ndizeye.

Reka tugume duhagaze akanya gato kandi twunamishe imitwe yacu.

² Mwami Yesu, turimo kugerageza mu buryo bworoheje, kugira ngo tukubwire, turirimba ibi, ko twizeye. Kandi turasenga, Mwami, kugira ngo noneho, kugira ngo ukomeze kutumanyagurira Umugati w'Ubugingo, kuduha ibyo dukeneye, bivuye mw'Ijambo Ryawe. Kubera ko tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

³ Nimwicare. Nzi neza ko, niba tubishoboye, niba ubu navuga ko ijambo ryose *amina* rihagije, ko imigisha y'Imana yo muri kanama izakomeza kubana na mwe mwese muri hano.

⁴ Nicaye nitonze muri iki gitondo kandi nteze amatwi gahunda, nishimiye ubuhamya, uburyo butandukanye buri wese afite bwo kuvuga. Kandi nishimiye na none gutega amatwi no kumva abashya baje, hari mwene Data wo mu Babatisita waje hano gusaba imbabazi kubwo gutekereza ko ibyo ari bibi. Nanjye rero—Ndashimira byimazeyo umuntu, wa wundi ushobora kuba umuntu bihagije, cyangwa—cyangwa se kuba umugwaneza bihagije, niba atekereza ko yakoze amakosa. Mu by'ukuri ntabwo ari nje yasabye imbabazi, ntabwo ari nje yari arimo gusaba imbabazi, ni Imana. Nanjye rero nda—ndabishimye, murareba. Imana ihe umugisha mwene Data, hamwe na mwene Data w'umuvugabutumwa we.

⁵ Mana yanjye, uriya Mubatisita, murabizi, nigeze kuba mw'itorero ry'Ababatisita nyewe ubwanjye. Nari umuyoboze w'Itorero ry'Abamisiyoneri b'Ababatisita. Iyo ninjye mu bantu, mba nzi uko mwiyumva. Niyumvise kimwe na mwe, gusa nuzuye ikintu runaka nyewe nta—ntabwo nari nkizi.

⁶ Ndibuka ubunararibonye bwanjye bwa mbere bwo kubona umupentekote, hari i Dowagiac, muri Michigan... Ndabasaba imbabazi, Nari kuri Dowagiac mu rugendo rwo kuroba, ndamanuka mva Dowagiac, ngera muri Indiana. Kandi rero nabonye amazina, ya "Yesu" hirya no hino ku modoka n'ibindi bintu, nuko ntega amatwi amateraniro yabo uwo munsu. Bukeye bansaba kuza ku ruhimbi, kugira ngo mvuge amagambo make, nuko ndabikora. Nyuma na... Bambajije itorerero nsengeramo, nuko mbabwira ko nari Umubatisita.

⁷ Muri iryo joro bari bafite umusaza w'umwirabura wagombaga kubwiriza, kandi agomba kuba yari arengeje imyaka mirongo inani, hanyuma aza ku ruhimbi. Mugenzi wacu

ushaje, byabaye ngombwa ko bamurandata. Yari, yambaye rimwe muri ayo makoti maremare y'abakozi b'Imana rifite ikora rya veruru, n'uruziga ruto rw'imisatsi yera y'imvi ku ruhande. Nuko ndatekereza nti: "Aba bantu bose bari hano n'abanyatewolojiya, abantu bakomeye, ni gute bareka uyu murimo ugahabwa mugenzi wacu umeze nk'uriya? Ni byiza, uyu musaza yagombaga kuba ari mu ntebe ahantu runaka, yicaye."

⁸ Uwo munsu babwirizaga ibijyanye n'ibyo Yesu yakoze hano kw'isi. Nuko, ariko afata, afata inyandiko ye, ndizera ko yari abikuye muri Yobu: 7, 20, haravuga, ntabwo nzi neza ko ari ibyo Byanditswe. Nyamara, ibi ni byo byavuzwe, cyangwa igice cyabyo kivuga kiti: "Wari uri he igihe nashyiragaho urufatiro rw'isi, ubwo inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe, n'abana b'Imana basakuza kubera ibyishimo?" Nuko avuga ku byabereye mw'Ijuru, mu gihe bavugaga ku byabereye kw'isi.

⁹ Maze ahantu runaka, mu minota nk'itanu nyuma y'uko amaze kuvuga, we, Umwuka w' Uwikete uramukubita, nuko arasimbuka yikubita hasi maze akomanya udutsinsino twe. Imana Ishimwe cyane, hari icyumba gihagije, hafi kimwe cya kabiri cy'uru ruhimbi; nuko aragenda, aravuga ati: "Ntabwo mufite icyumba gihagije hano kugira ngo mbwirize."

¹⁰ Ni byo, muri icyo gihe nari mfite imyaka nka makumyabiri. Naratekereje nti: "Niba—niba ibyo byafasha uriya musaza, nyje byamarira iki?" Murareba?

¹¹ Mu mwanya wo kureka gusa ibintu byose nk'ibisanzwe kuri bene Data bacu bashya, ko rwose tubakiriye mu giterane cyacu. Ndabona, Nizera ko bavuze ibya padiri wicaye hano, ngira ngo; birumvikana, kuba umunya Irilande, ubwoko bwanjye ni Abanyagatolika. Kandi rero hariho abashakanye benshi, b'Ababatisita n'abandi batandukanye. Bishobora kuba wari wavangiwe gato, mu kanya gashize. Nabonye nta muvandimwe n'umwe wigeze abivugaho, ariko natekereje ko nzagerageza kubigorora. Igihe mwene Data Shakarian... Nyuma y'umuvugizi mwiza hano wuzuye umunezero, wo kumenya ko Ukuza k'Umwami kuri hafi, ya—yavuze mu rumeni rutazwi, kuri twe. Kandi dufite abasemunzi batanga ubusobanuro. Ni iki, Ibyanditswe biravuga ngo: "Niba nta musemuzi, noneho reka bigumire mu mahoro." Ariko niba—niba bavuga mu ndimi hanyuma bakabisobanura, bihinduka ubuhanuzi. Urujijo ruto rero rw'i—rw'ibyo bibiri muri ibyo icyarimwe. Noneho, ibyo ntibyari biteye urujijo, nimurebe; kuko, umwe muri bo yarasemuraga, undi arimo guhanura. Murareba? Ibyo rero ni byo. . .

¹² Natekereje ko nari kureka abavandimwe bacu bakisobanukirwa, niba badasobanukiwe, kuko umwe muri bo yatangaga neza. . . Mwabonye igihe ntarengwa cya buri wese? Undi yari yuzujwe gusa, we ubwe, ku buryo Umwuka w'Imana

wahanuraga binyuze muri umwe; agasemura, undi agatanga ubusobanuro bw'ubusemunzi. Kugira ngo byumvikane neza, ko wowe...ntabwo turi...Rimwe na rimwe, ku bitekerezo bisanzwe...Nka mwene Data wacu w'agaciro wasabye imbabazi muri iki gitondo. Biteye urujijo gato ku muntu utumva. Ariko ku bari hano, abasezerewe ku rugamba turi hano, kubera iki, twumva ko, ibyo bintu ari byo. Gusa natekereje ko hari icyo nzabivugaho, niba ntacyo bitwaye.

¹³ Ubu, nzi—nzi ko aha atari ahantu ho kuvugira ibi. Ariko kubera ko abantu bose bagiye bavuga ibintu bito, njyewe... Murabizi, uwo mugenzi wacu yaravuze, umusaza w'umwirabura yaravuze ati: "Ntabwo mfite icyumba gihagije ku buryo nabwiriza." Ntmutanga *igihe* gihagije kugira ngo mbwirize. [Itorero rikoma amashyi—Ubwanditsi.] Nako kirekire.

¹⁴ Umugabo umunsi umwe yaravuze ati: "Umukozi w'Imana yaraje, yari umushumba mu itorero umaze imyaka makumyabiri. Kandi buri gihe yabwirizaga iminota mirongo itatu gusa buri cyumweru mu gitondo ku rusengeru rwe." Na we aravugaga ati: "Ku cyumweru mu gitondo, yabwirije amasaha atatu."

¹⁵ Nuko rero akanama k'abadiyakoni karamuhamagara, karavugaga kati: "Pasiteri, turagushimiye rwose." Baravugaga ati: "Buri gihe turabizi ko—ko uhagaze kuri Bibiliya n'uburenganzira bwayo." Hanyuma bakomeza kuvugaga bati: "Kandi buri gihe uhora udukosora kugira ngo dushobore kumva twejewe kandi dufite gukiranuka imbere y'Imana. Kandi turagushimira rwose, tunizera ko uri umugaragu w'Imana. Kandi rwose tugushimiye ubwo butumwa wabwirije muri iki gitondo. Ariko," baravugaga bati: "hari ikintu kimwe gusa twifuzaga kukubaza." Bati: "Twakubariye amasaha umara ubwiriza, nk'inama y'abadiyakoni." Baravugaga bati: "Buri ku cyumweru mu gitondo ufata iminota mirongo itatu gusa, none uyu munsi wabwirije amasaha atatu." Baravugaga bati: "Noneho, ibuka, turashima buri kintu cyose kuri ibyo. Byose byari byiza." Byatumye twebwe nk'abasaza twumva ko tuguwe neza, urabizi.

¹⁶ Aravugaga ati: "Ibyo ndabyumva, bavandimwe banjye, gusa nzababwira uko bimeze." Ati: "Buri gitondo iyo ngiye... Mpamagariwe kujya ku gicaniro," aravugaga ati: "Nshyira mu kanwa kanjye kamwe muri utwo tuntu duto Ducungura Ubugingo," arakomeza ati: "maze nkaturajundika." Nuko aravugaga ati: "Iyo Agacungura Ubugingo karangiye," ati: "hashira iminota mirongo itatu gusa," maze aravugaga ati: "ubwo mpita ndekeraho kubwiriza." Akomeza avugaga ati: "Murabizi, muri iki gitondo, natekereje ko nari mfite amasaha y'ikirenga. Naciriye amacandwe, bisa nk'aho nari mfite igifungo mu kanwa."

¹⁷ Ubwo rero ntabwo najya nshyiramo ikindi kintu icyo ari cyo cyose, kandi turizera ko tudakwiye kuba munsi y'ubundi boyobozi. Ariko turi...Ndakeka ko ibyo bitumvikanye neza.

Ariko nbye...Urabizi, ndetse Imana ifite igisa n'urwenya, murabizi.

¹⁸ Turashimira cyane kuba turi hano kandi dufite iki gihe cyo gusabana, ha—hamwe n'aya mahirwe akomeye yo kongera kumanyura Umutsima w'Ubugingo, mu buryo bwanjye bworoheje. Ndabizi, nk'abahanga mu bya tewolojiya, nk'uko uriya mugabo yaraye avuze hano avuye mu Bwongereza; mbega, nanga guhagarara iruhande rw'umuntu nka kuriya, hamwe n'amashuri arindwi nize. Ariko nizere ko Imana izabasobanurira ikabaha ibisobanuro biri mu mutima wanjye. Murareba? Niba amagambo yanjye atari meza, imigambi yanjye, ndi—ndizera uko, biri.

¹⁹ Reka noneho dusome mu Byanditswe. Benshi muri mwe mukunda gukurikira. Kandi ngiye gusoma muri iki gitondo, mu kanya gato, uhereye mu Gitabo cya Yeremiya, umuhanuzi, igice cya 2, ngiye gutangira nonaha ndahera ku murongo wa 1.

Ijambo ry'UWITEKA ryanjeho, riti:

Genda urangururire mu matwi y'abi Yeruzalemu, uvuga uti 'Uku ni ko UWITEKA avuga; Nibutse, ineza yo mubukumu bwawe, n'urukundo rw'ubugeni bwawe, Ubwo wankurikiraga mu butayu, no mu gihugu kitigeze guhingwa.

Isiraheli yari uwera ku UWITEKA, n'umuganura w'ibyo yungukaga: abamugirira nabi bose bazabihanirwa... kandi ibyago bizabazaho; ni ko UWITEKA avuga.

Ni mwumve ijamba ry'UWITEKA, yemwe ab'inzu ya Yakobo mwe, n'imiryango yose y'inzu ya isiraheri:

Uku ni ko UWITEKA avuga, ati: Gukiranirwa ba so bambonyeho ni ukuhe, kwatumye banyimura maze bagakurikira ibitagira umumaro, kandi bagahinduka n'ubusa?

Ntibarushya babaza bati, UWITEKA yadukuye mu gihugu cya Egiputa akatuyobora mu butayu, mu gihugu cy'umutarwe n'imyobo, mu gihugu cyumye kirimo igicucu cy'urupfu, mu gihugu kitanyuramo umuntu kandi...kitagira ugutuyemo?

kandi nabazanye mu gihugu kirimo ubukire kugira ngo murye umwero wacyo n'ibyiza byacyo; ariko mumaze kuhagera mwanyandurije igihugu, umwandu wanjye mwawuhinduye ikizira.

N'abatambyi ntibarusha babaza bati, UWITEKA ari hehe? n'ikiganza cy'abanyamategeko ntibamenyega: abashumba nabo bancumuragaho, n'abahanuzi bahanuriraga Bayali, kandi bikurikiriye ibitagira umumaro.

Ni cyo gituma *ngiye . . . kongera kubaburanya, ni ko UWITEKA avuga, nzaburanya abuzukuru banyu.*

Nimwambuke . . . mufate ku birwa byi Kitimu mwirebere; maze mutume i Kedari kandi mwitegereze ibyo cyane murebe ko hariho igisa gutyo cyigeze kubaho.

Mbese hariho ishyanga ryakunda kugumana imana zaryo kandi atari . . . imana? Ariko abantu banjye baguranye icyubahiro cyabo ibitagira umumaro.

wumirwe ku bw'ibyo, wa juru we, ufatwe n'ubwoba bukabije, . . . wihebe cyane, ni ko UWITEKA avuga.

kuko abantu banjye bakoze ibyaha bibili; baranyimuye kandi ari njye soko yamazi yubugingo, kandi bikorogoshoreye ibitega mu rutare, ndetse ni ibitega bitobotse bitabasha gukomeza amazi.

²⁰ Uwiteka yongere imigisha Ye mu gusomwa kw'Amagambo Ye. Kandi nashakaga gu—gufata inyandiko y'ibyo, nka, *Ibitega Bitobotse*.

²¹ Igihe, mu gusoma iki Cyanditswe muri iki gitondo; ari cyo, icyanditswe cyose gitangwa no guhumekwa. Kandi tuza mu Nzu y'Uwiteka kugira ngo dukosore kandi dusobanukirwe. Kandi rimwe na rimwe iyo tubonye . . . ikintu gito icyo ari cyo cyose mu nzira.

²² Nk'uyu musirikare, igihe gishize, yaraturugishije atubwira ko ibintu bimwe na bimwe, ko wenda bimwe mu bindi bihugu bifite ubwoko bwa missile, cyangwa—cyangwa ikintu runaka kuri icyo gitekerezaho, kandi tugomba kubona ikintu cyo kurwanya ibyo mu—mu ngamba za gisirikare.

²³ Kuri ibyo, ni kimwe n'ikintu kijya kiba mu rusengero, kuri paruwasi aho umuntu abwiriza, cyangwa niba ari umuvugabutumwa uri ahantu mu murimo. Iyo abonye imyigaragambyo, n'ikintu gihagurutse, kigenda, ku ntangiriro yacyo cyangwa icyo ari cyo cyose; ni uriya muntu, niba ari umugaragu w'Imana, ugomba guhagarika icyo kintu kikajya kure y'imitekerereze y'abantu ku buryo bazakigendera kure. Kandi ntidushaka ko ibyo bibaho, kugira ngo twinjire ahantu nk'aha.

²⁴ Noneho, mu gihe cya Yeremiya hano, ubuhanuzi bwe, hari hashize imyaka igera kuri mirongo itandatu uhereye ku rupfu—rwa Yesaya—Yesaya. Kandi bari bamaze imyaka igera kuri mirongo itandatu nta muhanuzi ukomeye bafite. Hariho Habakuki na bamwe mu bahanuzi bato bato, ariko Yesaya ni we muhanuzi wa nyuma ukomeye. Kandi abantu bari bafite, muri kiriya gihe, nta muntu bari bafite wo kubahamagarira gusohoka. Bari barayobye. Nyamara, bari ubwoko bw'Imana, bari barinjiye muri iyi mimerere ako kanya ku buryo—ku buryo tubasangamo, nk'uko Yeremiya yaje kubahanurira. Yeremiya na

we yari . . . Yahanuye mbere yo kujya mu buhungiro, kandi na we yahunganye na bo.

²⁵ Hanyuma, birumvikana ko Daniel yaje nyuma ya Yeremiya. Daniyeli yavuze ko asobanukiwe n'Ibyanditswe, ko bagombaga kuhaba imyaka mirongo irindwi.

²⁶ Nyamara, muri bo harimo undi muhanuzi, washakaga gukora uyu murunga, ngo awuzirike kw'ijosi rye, ibyo byari kuba ari akantu gato, ko mu myaka ibiri, neza neza, Imana yari igiye kubagarura bose, ariko Yeremiya yari azi ibitandukanye n'ibyo. Kandi tuzi uko byagendekeye umuhanuzi wahanuye nabi, yapfuye muri uwo mwaka. Imana rero ntiyari kumwemerera guhaguruka.

²⁷ Kandi ubu tubona imibereho abaturage bari bari bariho muri icyo gihe. Noneho sinshaka ko munyumva nabi, ntabwo—ntabwo ndi, intego . . . mu byo ngamije kuvuga hano, Ibyanditswe bimwe n'inyandiko nkeya nateguye.

²⁸ Kera ntabwo—ntabwo nakundaga gutegura Ibyanditswe n'ibindi bintu. Ariko nyuma yo gusimbuka makumyabiri na gatanu ku nshuro ya kabiri, noneho, ntabwo—ntabwo nibuka uko nabikoraga kera, rero nandukuye Ibyanditswe n'uburyo nshoboye kumenya, mpereye kuri ibyo, n'aho nganisha. Ubwo umwanya munini ni uwo gusengera abarwayi, n'ibindi n'ibindi, hanyuma ngasohoka nkagenda, nta gihe mfite cyo kwiga by'ukuri nk'uko nagombaga kubikora.

²⁹ Noneho, ariko uyu muhanuzi ukomeye w'iki gihe, yari Yeremiya, kandi yari ikintu gitanzwe n'itegeko rya Amosi hamwe n'abandi bahanuzi benshi bahagurutse. Yarashigutse ubwo yabonaga imibereho y'abanyagihugu. Noneho aho hari ahantu . . .

³⁰ Rimwe na rimwe iyo uvuga ishyanga, rishobora gutekereza ko rigaragarira ku—itsinda runaka. Ntabwo ari byo. Ni ishusho rusange y'igihugu. Kandi dusanga, uyu muni, i—ibintu bigereranijwe nk'uko byari bimeze mu gihe cya Yeremiya, ko ishyanga ubwaryo, ryose hamwe, ryinjiranyemo, cyane cyangwa buhoro, mu gusenga ibigirwamana; no mu buryo bumwe, navuga, bwavuye ku Mana. Kandi gukora ibyo, byaba ari intege nke z'igicaniro. Kubera ko, iyo igicaniro kikuguma mu murongo ugororotse, hamwe n'Ijambo ry'Imana, Imana yari kuba muri buri torero nk'uko Igendagenda muri twe hano. Ariko bagiye kure. Kandi icyo ni ikintu nsha—nshaka kuvugaho muri iki gitondo. Noneho ubu dusanga ibyo ari byo rwose mu bihe byose.

³¹ Nizera ko ari Amosi, nk'uko nabibabwiye mu kanya gato gashize, ko yavuze ko "atari umuhanuzi, cyangwa umuhungu w'umuhanuzi." Ariko yaravuze, ngo: "Iyo intare itontome, ni inde utagira ubwoba?"

³² Niba hari umuntu wigeze yumva intare nyayo itontomera mw'ishyamba, izi mwumva mu bibuti hirya no hino zirahuma

gusa. Ariko iyo itontomeye mw'ishyamba, ibintu byose birakangarana. Nihishe mw'ishyamba ry'inzitane, kugira ngo nzihige. Ni umwami w'inyamaswa, kandi, iyo intare itontomeye, izindi nyamaswa zireka guhuma, ikintu cyose kiratuza. I-ingunzu n'i-n'impisi zihuma, hamwe n'izindi nyamaswa, hamwe no gukirana kw'inguge n'inkende, udusimba, ndatekereza ko udashobora kubyumva n'amatwi yawe. ariko ku ntera ndende gusa reka intare itontome, inyamaswa zose zihita zihagarika urusaku. Murareba, ibintu byose birayitinya. Nyamara, hari ibintu byinshi bishobora kuyica, ariko izwi nk'umwami mu bikoko.

³³ Aravuga ati: “Niba intare itontomeye, ni inde utagira ubwoba?” Aravuga ati: “Noneho Imana yaravuze, ni inde utabasha guhanura?”

³⁴ Kandi ibyo, ngira ngo, ni ibintu byongeye guhura n'icyo kibazo uyu muni. Imana yaravuze. Murareba? Kandi tubona ibyandikishijwe intoki ku rukuta, biroroshye rero guhanura no kubona ko turi mu gihe cya nyuma.

³⁵ Kandi turimo kubona Imana, uherye kuri buri gice cy'amadini, kuva kuri Gatolika, binyuze mu matorero yose y'abaporotesitanti, Buda n'andi menshi, kuva mu Buhinde, n'ahandi hose, Arimo guhamagara ubwoko Bwe, abateranyiriza hamwe. Kandi nda—ndanezerewe cyane kubw'ibyo, kubona uyu muni ugerwaho. Ubu kuri twe... Ni—ni umunsi ukomeye, umwe mu mahirwe akomeye.

³⁶ Ibyo, iyo nza kubikora, iyaba nari kubimenya mbere y'uko habaho isi, ubwo twari ubugingo turi umugabane w'Imana, uwo turi wo, kuko twari kumwe na Yo mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro. Kubera ko, hariho uburyo bumwe gusa bw'Ubugingo bw'Iteka, kandi iyo ni yo Mana. Kandi turi igice Cyayo. Ntabwo twari benshi cyane ku buryo twabimenya kandi—kandi yashoboraga gutekereza, maze akagira ikiremwa; ariko twari mu bitekerezo Byayo ku bo turi bo, mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro. Kubera ko, turi umugabane Wayo, nk'umuhungu wanjye ni umugabane wanjye, nanjye nkaba se, n'ibindi n'ibindi. Turi abahungu n'abakobwa b'Imana, ku bwo kumenywa mbere.

³⁷ Kandi tugarutse hariya, iyaba nashoboraga kubimenya nk'uko mbizi ubu, ndetse no kwitegereza mu ruhererekane rw'ibihe, kandi Yari kumbaza ati: “Ni ikihe gihe ushaka kubamo?” Nari kuvuga iki gihe ubungubu, gusa hafi y'i—y'iherezo ry'amateka y'isi, no kuza k'Ubwami bw'Imana bushyirwaho mw'isi. Ntekereza ko ari cyo gihe cyiza cyane cy'imyaka yose, ni kano kanya.

³⁸ Tumenye hano ko Isiraheli yashinjwaga n'umuhanuzi, igihe Imana yari yamugennye bakamujugunya hanze, bashinjwaga ibyaha bibiri bikomeye. Turashaka kuvuga kuri ibyo bintu byombi bakoze. Kandi, duherereye kuri ibyo, turashaka gutera

imbere kubw'ibyo. Noneho, bari barahindukiye bava ku Mana, Isoko y'amazi mazima, nuko bakuramo ibitega. Bari barahindukiye bava ku kintu Imana yabahaye, kandi bari barikururiye ikintu ubwabo bakoze. Kandi ibi bitega, murabona, yari afite, byari byaratobotse kandi byarasandaraga amazi agatamba.

³⁹ Noneho, igitega gitobotse ntigishobora gufata amazi. Arasandara. Narerewe mu rwuri, nzi igitega cya kera icyo ari cyo, kandi nzi ingorane tugira zo kugikoresha.

⁴⁰ Kandi iki gitemba kiva ni i—ishusho nziza cyane, ngira ngo, y'uyu muni, ko iyo ibintu byose (byacu) twagerageje gukora, guhuriza hamwe abantu, guhuriza hamwe abaturage, guhuriza hamwe amatorero, byahindutse buri gihe mu rwego rwo kugerageza ubwenge. Twagerageje gutuma Abametodiste bose bahinduka aba Batisita, Ababatisita nabo bahinduka Abametodiste, n'andi madini atandukanye. Kandi iyo ntiyari gahunda y'Imana, duhereye kuri ibyo.

⁴¹ Imana ifite ahantu hamwe gusa h'ihuriro. Yarahavuze kera mu Gitabo cyo Kuva, ko, "Nahisemo ahantu nishakiye ho gushyira Izina Ryanjye, kandi ni ho hantu honyine nzahurira n'abantu." Kandi Yari yarahisemo aho ishyira Izina Ryayo. Kandi aho yashyize Izina Ryayo, ni ho yahuriye na Isiraheli. Yabonye aho Ikwiye guhurira n'itorero Ryayo uyu muni, nuko Ihitamo Izina, kandi Izina ni Yesu Kristo. Kandi hari aho Ihurira n'uwizera nyawe, iyo ari muri Yesu Kristo. Aho ni ho Imana yahisemo gushyira Izina Ryayo.

Uravuga uti: "Izina ry'Imana?"

⁴² Yaravuze ati: "Naje mw'Izina rya Data." Aho rero ni ho Imana yashyize Izina Ryayo, hari muri Kristo. Kandi muri Kristo ni ho twese dushobora guhurira muni y'Amaraso yamenetse, kandi ni ho hari ubusabane nyabwo, bw'ukuri.

⁴³ Imana yakoze gahunda Yayo mu ntangiriro, mu busitani bwa Edeni, aho Yari guhurira n'abantu, kandi ibyo ntibyari kumvikana mu bwenge; niba ari uko byari biri, Eva yari ahuye neza na gahunda Yayo. Ariko tuzi ko yemeye ibitekerezo by'ubwenge bwa Satani, "Mu by'ukuri, Imana ntizabikora," nyamara Imana Yari yavuze ko izabikora! Noneho rero, Yahisemo ahantu ho gucungurirwa, kandi byari ku bw'Amaraso, ntabwo byari ku bw'ubwenge.

⁴⁴ Turimo gukubita ikirere gusa, ariko ni kamere muntu aho—aho abantu bazagerageza gu—gukora ibyo. Turamutse dufite umwanya, twabicamo ibice byinshi, ariko sinshaka ko ari ko bigenda. Tuzagerageza gusa kubikora byoroshye bishoboka, "Ibitega bitobotse." Kandi dusanga ari byo—byongeye kubaho rwose, ni ishusho cyane y'imyaka yacu turimo, mu byo tugerageza byose.

45 Kandi nta kwirengagiza imbaraga z'umugaragu w'Imana uwo ari we wese, uhamagara Izina rya Yesu Kristo. Agomba kubahwa kubera gusa guhamagara Izina Rye mu cyubahiro no kubahana. Kandi gahunda zikomeye z'ivugabutumwa zageze kw'isi hose, n'ibindi n'ibindi, bigaragara muri iyi minsi ya nyuma, Ntekereza ko, nyamara ntituzigera dushobora kubona abantu bafite umutima umwe kugeza tubashyize muni y'Amaraso ya Yesu Kristo. Aho ni ho hantu honyine tuzahora dufite umutekano.

46 Umuntu yarampamagaye vuba aha, aturutse ruguru mu Burasirazuba, maze arambwira ati: "Mwene Data Branham, ndumva wimukiye—muri Arizona, kandi washizeho a—ahantu hari umutekano." Kandi nk'uko muzi uko Ubutumwa buza, Uwiteka yambwiye ibishobora kuzabera muri Alaska, n'uburyo byari kuzagenda muri Californiya, kandi neza ni ko byagenze. Baravuze bati: "Noneho niba ibyo bihinda umushyitsi, n'ibintu byose, igice gitekanye kiri hehe?"

47 Naravuze nti: "Hariho ahantu hamwe h'umutekano nzi. Aho ni muri Kristo. Ku bari muri Kristo, baza . . ." Ni ho honyine nzi.

48 Noneho Yereimiya yiswe, "umuhanuzi urira." Kandi kubera ko, nizera ko ibyo byatumye uyu muhanuzi arira—kurira, ahubwo, byatewe n'uko yari umuhanuzi (nuko Ijambo ry'Uwiteka rimuzaho gutyo) no kubona abantu bagenda bakurikiza imigenzo yabo, bese bakibwira ko ari byiza, kandi nta kuntu babihindura na gato.

49 Kubera ko, bari bagiye guhungira, kuko tuzi ko usarura ibyo ubiba, utitaye ku uwo uri we, icyo uri cyo. Natwe nk'igihugu twasaruye, cyangwa, twabibye, ahubwo, kandi tugomba gusarura. Nzavuga ejo, Uwiteka nabishaka, nyuma ya saa sita, ku *Ibise byo Kubyara*; kandi ndi—kandi biriya ndibubikoreho, ibyo ntitwabasha kubigeraho nta kintu dufite. Tugomba gusarura ibyo tubiba.

50 Niba kandi Imana yari itwemereye tukanyura mu kugoramba kwacu kwa Gikristo uyu muni, no kugoreka abantu muri ibyo bintu bita Ubukristu, nk'uko mwene Data Moore yigeze kubivuga, "Yari gutegekwa kuzamura Sodomu na Gomora, ikanasaba imbabazi ku bwo kuhatwika." Ni byo, kuko Imana iracyari iy'ukuri. Kandi aho akarengane kageze; birimo—birimo kugenda bihinduka kwera Kwayo n'Ijambo Ryayo ku buryo Ituma abantu basarura ku byo babibye, kandi tugomba kubikora.

51 Noneho mumenye ko bamusize, Isoko y'amazi mazima, kandi bari baribye ibitega.

52 Noneho hashobora kuba hari umuntu utumva icyo igitega ari cyo. Igitega ni ikigega cy'amazi cyakozwe n'abantu kigerageza gufata umwanya w'iriba. Ni ikintu umuntu yicukuriye. Ni bangahe bazi icyo igitega ari cyo? Ni byiza. Ni byiza, hari abantu

benshi bo mu bihugu bitandukanye hano muri iki gitondo. Nabo...Ndibuka igitega cya kera aho hantu, uko cyasaga, kandi buri gihe natinyaga kunywera kuri kiriya kintu. Byari a—ikigega cy'amazi cyakozwe n'abantu. Kandi ntigishobora na rimwe kwegamirwa. Ntushobora kwishingikiriza ku gitega.

⁵³ Noneho ikintu cyose umuntu akora mu bisanzwe ntabwo ari cyiza cyane. Ariko nk'uko u—Uwiteka yashyizeho igihe—mu—mu mikorere yacyo, isi irazenguruka; buri mwaka, igihe cyose irambuka, buri muni, buri saha, n'izuba rirenze, kandi ntizigera inanirwa. Ariko amasaha meza cyane dushobora kubona, azananirwa iminota myinshi mu gihe cy'ukwezi, nta gushidikanya. Ariko, murabona, ibyo Imana ikora byose biratunganye, ariko ibyo umuntu akora ntibitunganye. None se kuki wemera ibyo umuntu akora, mu gihe ushobora kubona ibitunganye?

⁵⁴ Nahoraga mbivuga kuri twe abantu b'Abapentekote. Murareba, turabizi, kandi ntabwo turi—ntabwo turi hanze ya gahunda y'Imana birumvikana, si ko tubitekereza; ariko kandi tuzi ko muri twe dufite abantu bagerageza kugera ikirege mu cya bagenzi bacu. Ibyo ni iby'abantu gusa. Bazagerageza kubikora. Babikoze muri Bibiliya, "Umwe ati: 'Ndi uwa Pawulo,' 'Ndi uwa Sila,'" n'ibindi. Ariko bo ba—bagerageza kwigana ibyo undi muntu yakoze cyangwa akora.

⁵⁵ Ariko ni ukubera iki wakwemera kwigana ibinyoma, mu gihe ikirere cyuzuye ibintu by'ukuri, mu gihe "isezerano riri kuri wowe no ku bana bawe"? Kuki twakwemera ibintu bitandukanye? Ni ukubera iki twafata imyizerere cyangwa inyigisho bidahwitse, mu gihe Bibiliya ari Ijambo ry'Imana ritavangiye? Kuki twagerageza kongeramo cyangwa gukuramo, mu gihe Umwami Yesu yabivuze mu Byahishuwe 22:18, "Umuntu wese uzakuramo Ijambo na rimwe, cyangwa akongeramo ijambo na rimwe, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy'Ubungo"?

⁵⁶ Ubwo Imana bwa mbere yashyiraga inyokomuntu ku... kw'isi, Yababwiye ko babeshwaho n'Ijambo Ryayo. Noneho Ijambo ry'Imana rimeze nk'umunyururu, utambukana ikuzimu hamwe na Ryo; kandi umunyururu waryo ni wo uruta umurongo waryo w'ingufu nke, kandi Imana ishaka ko dukomeza Ijambo Ryawo ryose. Noneho ubwo bwari ubwa mbere muri Bibiliya; gusa habayeho gusenya Ijambo rimwe, ryinjije ikiremnamuntu mu mwijima w'urupfu.

⁵⁷ Yesu yaje hagati ya Bibiliya, maze aravuga ati: "Umuntu ntashobora kubaho kubw'umutsima wonyine, ahubwo azabaho kubw'Ijambo ryose." Ntabwo ari igice cy'Amagambo gusa, cyangwa mironko cyenda n'icyenda kw'ijana; ahubwo ni Ijambo ryose, nk'uko Eva na Adamu bari bameze.

58 Kandi ku mpera ya Bibiliya, mu Byahishuwe 22:18, Yavuze ko: “Umuntu wese uzakuramo Ijambo muri Iki gitabo, cyangwa akongeramo ijamba rimwe muri Cyo!”

59 None se kuki dutekereza kongeramo Hano ibitekerezo by’umuntu, mu gihe iki ari cyo Gitekerezo cy’Imana Ubwayo? Turashaka gufata ibyo Yavuze. Kandi byarananditswe, “Reka ijamba rya buri muntu ribe ikinyoma, kandi Iryanjye ribe Ukuri.”

60 Ni uko byari bimeze kuri uyu muhanuzi. Mu gihe cya Yeremiya, yari umuhanuzi, yari afite Ijambo ry’Uwiteka. Kandi uyu mugenzi we yagerageje gushyiramo ikintu. Noneho, ntigishobora gushingirwaho. Kandi ndagereranya ibi bigega n’ubu buryo twagerageje gufata, no gufata umwana w’Ijambo ry’umwimerere ry’Imana.

61 Kubera ko, nta kindi kintu gishobora gufata umwana Waryo. Ni Imana. “Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n’Imana, kandi Jambo yari Imana. Kandi Jambo yambaye umubiri atura muri twe.” Kandi mu Abaheburayo 13: 8, haravugaga ngo: “Uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose.” Ni gute dushobora kwikuramo Ibyo? Bigomba kuba ari Ukuri. Yakomeje kuguma uko yari ari. Ni wa wundi ntahinduka kuri buri hame.

62 Ni nayo mpamvu muryishimira, mwebwe Babatisita namwe Bametodisite, n’Abagatolika na Peresibiteriyeni, n’abandi n’abandi, bishimira kuba imbere y’Imana. Hari ikiri ahantu, muri mwe, gituma mwemera Imana. Ahari hari igihe mu buryo bw’ubwenge, bishoboka ko mwigaze kumva Imbaraga z’Imana, kandi muri abagaragu b’Imana; ariko mu gihe mushobora rwose kwinjira mu Mana, mukamenya umwana wanyu muri Yo, nk’umuhungu cyangwa umukobwa w’Imana, ni byo bizana umunzero mwinshi kuri mwebwe, uwo Imana yashakaga ko mugira.

63 Noneho tubona ko muri Mutagatifu Mariko, igice cya 16, Yesu ntabwo yavuze ati: “Nimugende mw’isi yose, kandi—na—kandi mwigishe.” Yaravuze ati: “Nimugende mwamamaze Ubutumwa bwiza.” Mwamamaze Ubutumwa Bwiza, ni, ukwerekana Imbaraga z’Umwuka Wera! “Mugende mw’isi yose, kandi mwerekane Imbaraga z’Umwuka Wera.”

64 Kuganira na mwene Data, umwe mu baterankunga ba... b’amateraniro yanjye mu Buhinde, i Bombay hariya, hepfo muri Afrika y’Epfo n’ahandi hatandukanye, aho abamisiyoneri bari barigishije nk’ijamba cyangwa nk’igitekerezo cy’ubwenge. Ariko umuni umwe mu materaniro, ubwo Umwuka Wera yamanukaga, We ubwe, hanyuma agakiza ibihumbi mirongo itatu ba kavukire baho bagahamagarwa ku gicaniro kimwe, kandi neza ahantu hamwe aho bari bahagaze. Abagore bahagaze

aho, bari bambaye ubusa nk'uko baje mw'isi, nuko mu munota bazamuyemo ibiganza ngo bakire Kristo . . .

⁶⁵ Umwuka Wera amanuka aho hantu akiza abantu ibihumbi makumyabiri na bitanu icyarimwe, amagare y'abamugaye, ibitanda by'indembe na burankari. Umuyobozi w'umuji yantegutse, bukeye bwaho, kureba ubucucike bw'imodoka zagendaga ku muhanda.

⁶⁶ Abagore bahagaze aho, bambaye ubusa, batazi ko bambaye ubusa. Ariko Umwuka Wera akimara kubakubita, barambuye ibiganza kugira ngo bagendere kure y'abagabo babo.

⁶⁷ Kandi nibaza ukuntu twebwe muri Amerika twiyita ishyanga rya Gikristo, kandi Imbere y'Imana; kandi buri mwaka twebwe, abagore bacu, bambara ubusa. Kandi bagomba kwambara bakikwiza. Uko murushaho kwambara Kristo, ni ko murushaho kumenya neza imiterere yanyu. Rimwe na rimwe mbona uburyo abantu bitwara mu muhanda, nkibaza niba ari iby'ukuri ku muntu utekereza neza. Bisa nk'aho batazi ko iyo bakoze ibyo, ibyo baba bakoze, baba barimo gukorera satani, no kohereza roho zabo ikuzimu. Ni byo. Ariko isi yuzuyemo ubuhenebere nk'uko byari bimeze mu gihe cya Yeremiya.

⁶⁸ Noneho dusubire ku gitega. Noneho, iki gitega ntigishobora gushingirwaho kuko kidashobora kwiyuzuzwa cyo ubwacyo. Kandi kigomba gutegereza imvura kugira ngo cyuzure, imvura yaho cyangwa ububutse bwaho, kugira ububutse buke *hano* hamwe n'ububutse buke hejuru *hariya*, cyangwa n'ibindi, kugira ngo cyuzuzwe. Ntigishobora rero gushingirwaho. Ntigishobora kwiyuzuzwa ubwacyo. Ntabwo cyihagije, kuri cyo ubwayo. Ntigishobora kubikora. Kandi bigomba guterwa n'imvura, kugira ngo cyuzure.

⁶⁹ Noneho reka turebe aho kiri—kibona imvura yacyo, aho ni ho gikura amazi yacyo, igitega. Iva hejuru y'ibigega, igasukamo, aho umwanda wose umukungugu uhurira hejuru hariya, cyoga neza mu mvura, hanyuma iyo iguye mu gitega, ikigega cyakozwe n'abantu. Gihinduka nk'amazi yanduye. Kandi yoza hejuru y'ikigega ahaba hari udusimba twose, umunuko uzamuka ku rugara, n'ibindi, hanyuma bakagishyira aho. Kandi umwuka uzamuka mu—mu mukungugu n'imyanda hanyuma bikareka mu ndiba, noneho imvura yagwa ikacyoza, imvura, n'ako kanya.

⁷⁰ Noneho amazi atwarwa n'umuyoboro wakozwe n'umuntu anyuze mu maliba yakozwe n'umuntu, mu kigega cyakozwe n'umuntu. Noneho iyo agezeyo, aba yanduye, yanduye ku buryo ugomba kuyashyiramo igitambaro ukayayungurura, bitari ibyo ntushobora kuyanywa. Noneho, reba, kirizwa uhereye ku mazi ava hejuru y'inzu, ukoresheje icyogesho cyakozwe n'umuntu, igikoreshe cyakozwe n'umuntu, mu kigega cyakozwe n'umuntu. Hanyuma hamwe n'umupfundikizo

wakozwe n'umuntu washyizwe hejuru yacyo, kugira ngo barebe ko tumwe mu dukoko n'indi myanda bisigara inyuma.

⁷¹ Noneho, ubu turabona ko, muri ibi, hashize iminsi mike amazi ashyizwemo, muri iri dini ryakozwe n'abantu-..., cyangwa, ikigega. Mumbabarire. Mumbabarire. Rwose. Nyuma y'uko—kimaze kozwa, ibintu by'ubwoko bwose bwa tewolojiya n'ibindi bintu byogejwemo; noneho turabibona neza ko, iyo agumyemo iminsi mike, ahinduka ikiziba.

⁷² Kandi umuntu wese arabizi, mu mateka y'itorero, iyo Imana yohereje ikintu, ubutumwa, bugahinduka umuburi biturutse ku Mana, hanyuma nyuma y'u—y'ubuzima bw'uwo wabishinze (cyangwa ibyo ari byo byose, wabyita ivugurura, cyangwa icyo ari cyo cyose ushaka kubivugaho), nyuma y'urupfu rwe, noneho babona imikorere igenda neza hanyuma bagakora umuryango. Kandi bakimara gukora umuryango muri ibyo, bipfira aho. Ntibiba bigishoboye kongera kuzamuka. Byakozwe mu bihe byose, inyuma, hambere.

⁷³ Mu guha icyubahiro uyu mupadiri Gatolika wicaye hano; igihe Imana yateguye itorero...cyangwa, ntiritegure, Imana ntabwo yigeze itegura itorero. Ntabwo ikora muri ubwo buryo bw'ubucuruzi. Yo ikora mu kuvuka, ntabwo ari mu buryo bw'imiryango. Rero, igihe Imana yatangizaga itorero ku Muni wa Pentekote. Hanyuma amaherezo byerekeza hepfo aho i Nikeya, Roma, barayiteguye, kandi aho ni ho yatakarije Imbaraga.

⁷⁴ Noneho tumanuke tujye kw'ivugurura ry'Abaluteriyani, kandi cyari ikintu gikomeye. Ijambo ry'Imana ryaratanze ngo: "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera." Kandi bamaze kubikora, aho guteranira hamwe, bese hamwe, bese ngo bajye hamwe maze bakomeze urugendo, bakoze itorero ry'Abaluteriyani, bitandukanya n'iri tsinda, hanyuma rirapfa.

⁷⁵ Noneho Imana ihagurutsa John Wesley, hamwe no kwezwa, ubutumwa bw'umurimo wa kabiri w'ubuntu, kandi cyari ikintu cyiza. Ariko nyuma ya Wesley na Asbury, barariteguye, rirapfa.

⁷⁶ Noneho haza Abapentekote hamwe no kugarura impano. Bakoraga neza, byagenze bite? Barabiteguye nabyo birapfa. Ni byo rwose.

⁷⁷ Noneho hagati y'ibi byose, Imana irahamagarira abasigaye muri buri gisekuru. Nta gushidikanya. Kandi ni igihe cyacu cyo gusohoka, cyo guteranira hamwe. Kandi ni byo ntekereza, Abacuruzi bo mw'Ivugabutumwa Risesuye bagize uruhare runini mu gusenya izi nkuta, bakavuga ngo: "Nta tandukaniro riri muri twe. Reka dushyire hamwe dusenge Imana mw'ihame rimwe, ntabwo turi muni y'ubuyobozi bw'umuryango." Niba ari idini, nava kuri uru ruhimi nonaha. Ntacyo naba mfite cyo kuhakora.

⁷⁸ Ibyo ari byo byose, bigomba kuba ubusabane, kandi ntabwo ari ubusabane bw'imyemerere imwe, ariko gusabana muri Kristo, kubw'imbaraga z'izuka Rye. Ni cyo kintu kizana Ubuzima, kizana kuvuka.

⁷⁹ Kandi mbere y'uko kuvuka kuza, tumenya ko hagomba kubaho urupfu mbere yo kuvuka. Kandi kuvuka ni akajagari, ntabwo nitaye ku kuvuka uko ari ko. Niba ari mu kiraro cy'ingurube, cyangwa—cyangwa aho ari hose, ni akajagari. Kandi rero ni Ivuka rishya, rituma ukora ibintu mu bisanzwe utatekereza ko wakora. Ariko iyo wowe ubwawe witeguye gupfa, uhita wongera ukavuka ubwa kabiri, ugahinduka ikiremwa gishya muri Kristo Yesu, ubwo ibintu, birafunguka maze ubuzima bugahinduka ikintu gishya kuri wowe, kubera ko wemeye Umuntu Yesu Kristo, kandi ntabwo ari ibitekerezo cyangwa imyizerere runaka.

⁸⁰ Cyangwa, ndetse no kw'Ijambo ryanditse, Rigomba kwihutishwa n'Umwuka Wera. N'ubwo waba ufite tewolojiya ingana ite, irambitse hariya ipfuye. Nshobora kugira igipfunsi cy'ingano; urubuto rw'ingano ntiruzigera rubaho, kugeza ubwo ruzatangira igikorwa aho rushobora kwihutishwa. Kandi ushobora kugira impamyabumenyi ya dogiteri, Ph., LL., Ibyo ushaka byose; ariko kugeza igihe Umwuka Wera azabizaho akabiyhutisha kuri wowe, nk'ufite ubunararibonye ku giti cyawe n'Imana, noneho ingano nta kiza ikora. Kwiga kwawe ntacyo bimaze.

⁸¹ Nk'uko uyu Mwongereza yabivuze ejobundi hano, narumiwe cyane kuri ibyo. Inyigisho zose yari afite, nka Pawulo, yagombaga kwibagirwa ibyo yari azi byose, kugira ngo abone Kristo, agakora ibintu yibwiraga ko atazakora.

⁸² Ariko ni bwo buryo Imana ikora, iducisha bugufi muri gahunda yacu yo kwiga. Ntabwo ngerageza gushyigikira ubujiji, ariko ndagerageza kubabwira itandukaniro. Uburezi ntibushobora kuzana Ubugingo. Bisaba Umwuka w'Imana kugira ngo Ubugingo buze, kandi Ubugingo ntibugomba kuva mu byutse bw'ubwenge gusa. Bugomba kuva muri Bibiliya, Ijambo ry'ubuyutse, kandi iryo Jambo uko ryari riri ejo, n'uyu muni ni ko riri, kandi ni ko rizahora n'iteka ryose. Kandi iyo Rije uyu muni, ryihuse, ubona ibisubizo nk'ibyo wabona mu Byakozwe n'Intumwa 2. Ni ukuri. Iteka rimeze gutyo, kandi rizahoraho, kuko ni Umwuka w'Imana utunganya ikirere cy'Umwuka.

⁸³ Bisaba ikirere cy'umwuka kugira ngo ukore ibintu. Ni nayo mpamvu mwebwe abagabo muhora mwigishwa ngo: "Muzane abana banyu hano." Ni byiza, rwose ni byo. Nishimiye kubona umukobwa wanjye Rebeka, yinjiye akicara, hashize iminota mike. Bamwe muri mwe mwambonye nicira ijisho umugore, ni umukobwa wanjye, nuko arinjiye maze aricara. Ndashaka

ko yakira umubatizo w'Umwuka, ni yo mpamvu ari hano mu materaniro. Ni yo ntego yabyo. Bisaba ikirere.

⁸⁴ Nk'uko Dogiteri muzehe Bosworth akunze kubivuga: "Ushobora gufata amagi y'inkoko ukayaraririza ikibwana, azabyara inkoko." Kubera iki? Kubera ko ari igi kandi ryabonye ikirere cy'ubushyuhe gikwiye.

⁸⁵ Sinzi niba uri Umumetodisite, Umubatisita, Umuperesipiteriyeni; mu kirere cyiza gikwiriye ibyo, bizabyara umwana w'Imana wavutse bundi bushya. Ni ikirere cy'Umwuka kibikora, hatitawe ku kirangantego cy'idini ufite.

⁸⁶ Byakoreshejwe mu kurinda amatungo. Nabonye umurinzi mu gihe twabajyanaga mu mashyamba, hanze ya—hanze y'urwuri aho bagaburirira amatungo, bakayashyira mw'ishyamba. Yarahagararaga maze akareba uko anyura mw'irembo, ku ruzitiro rwa senyenge. Ntabwo yigeze yitondera cyane ibirango, kuko hari hari ibirango bitandukanye byose byahanyuzwaga. Ariko hari ikintu kimwe yitegereje, ikimenyetso cy'amaraso. Byari ngombwa ko biba ikimenyetso cy'amaraso Hereford bitari ibyo ntiyashoboraga kujya muri iryo shyamba, kuko ni Ishyirahamwe ryitwa Hereford ryita kuri iryo shyamba. Rigomba kugira ikirango cy'amaraso, kugira ngo ubworozi bukorwe neza.

⁸⁷ Kandi nibaza ko ari ko bizamera ku Munsu w'Urubanza. Ntabwo izambaza niba nari Umumetodiste, Umubatiza, Umupentekote, cyangwa Umuperesipiteriyeni, ariko We agiye gushakisha ikimenyetso cy'Amaraso. "Nimbona Amaraso nzakunyuraho." Ni icyo kintu.

⁸⁸ Noneho turabona rero ko ibyo bitega, bimaze guterekwaho umwanya muto, biba ari... bihinduka ibidendezi amazi yabyo ntabwo aba ari meza. Kandi arahinduka noneho, nayo, ahinduka ubuturo bw'ibikeri n'inzoka n'imiserebanya na mikorobe, n'ibindi byinshi, kubera ko ari amazi adatamba biza kwiberamo. Ntushobora kwiyumvisha, gukarabira hejuru y'inzu, cyangwa hanze y'inzu yegereye ikigega, cyangwa ahantu hose umwanda waba uri, ni ubuhe bwoko bw'udukoko twose na mikorobe, n'ibintu byose, biza muri iki gitega?

⁸⁹ Noneho, ni urugero rwiza rw'ubwoko bwose bw'igitega cyakozwe n'abantu. Ni ukuneshwa, ni cyo cya mbere. Ni nayo mpamvu akeneye Umukiza. Ntiyashoboraga kwikiza, ntashobora kugira icyo abikoraho. Yaratakaye, kugira ngo atangire. Yavukiye mw'isi, umunyabyaha, uje mw'isi avuga ibinyoma. Ni umubeshyi, gutangirira kuri, none ni gute mw'isi ashobora kwikorera ikintu cyose? Ni gute umuntu w'umukiranutsi yabikora?

⁹⁰ Nta muntu ukiranuka n'umwe. Nta torero ryera ribaho. Ni Umwuka Wera! Ntabwo ari itorero ryera, ishyanga ryera; ni Umwuka Wera mu bantu, ni byo. Amina. Ntabwo ari umusozi

wera aho Petero na bo bari bahagaze; umusozi ntiwari uwera. Ariko ni Imana Yera, iri ku musozi, ni yo yatumye wera. Ntabwo ari umuntu wera; ni Umwuka Wera ukoreshwa muri uwo muntu, ni wo utuma yera. Ntabwo ari umuntu; ahubwo ni Umuntu w'Umwuka Wera! Ntabwo ari umugabo; kuko, ni umugabo gusa, “wavukiye mu cyaha, ufite ibicumuro, waje mw'isi avuga ibinyoma.”

⁹¹ Imikorere iyo ari yo yose yashyizweho-n'abantu izabagumisha muri ibyo. Azahuma amaso ikintu cyakomotse ku bwenge, amaso y'ubwenge, ibyo batekereza, “Ndi mw'itorero, izina ryanjye riri mu gitabo. Nakoze *ibi*. Data yari *runaka*, n'ibindi n'ibindi.” Ibyo birumvikana neza; ibyo, ni, ntacyo kuvuga cyo kubirwanya. Ariko nanone, nshuti, Yesu yaravuze ati: “Niba umuntu atavutse ubwa kabiri, ntashobora no kubona,” *kubona*, hariya, ntibisobanura ko abona n'amaso ye, ahubwo ni “*ugusobanukirwa* Ubwami bwo mw'Ijuru.” Kugeza abuvukiyemo!

⁹² Ni gute uyu muvugabutumwa w'Ababatisita, ni gute uriya mugabo yahagaze aho akanegurana kandi akabihindura imikino? Murareba, nta kintu kiri muri we gishobora no kubwakira; ariko Imana yagombaga kubikora, murareba. Imana yamuhaye Umwuka Wera. Yagaragaje ko ibyo atari uburyarya, ko iri ari Ijambo. Gusa barabyumva mu bitekerezo byo mw'ishuri, kandi bagerageza gufata imigisha yose—yose y'Imana no kuyishyira ejo hashize.

⁹³ Umusore w'umuvugabutumwa w'Umubatisita, aherutse hano vuba aha, yicaye hano muri iki gitondo; nuko aza aho ndi, arambwira ati: “Mwene Data Branham, hari ikintu kimwe ukora kitari cyo.”

Ndavuga nti: “Mfasha.”

⁹⁴ Na we ati: “Urimo, ngira ngo uri inyangamugayo n'umuntu mwiza, ariko...”

Ndavuga nti, “Urakoze, mugenzi.”

Aravuga ati: “Ariko hariho ikintu kimwe ukora kitari cyo.”

Ndavuga nti: “Nizere ko Uwiteka abona icyo kintu kitagenda neza.”

⁹⁵ Na we ati: “Ni byo...Ibi ni byo ukora bitari byo.” Ati: “Uragerageza kumenyekanisha mw'isi umurimo w'intumwa, kandi,” ati: “umurimo w'intumwa wararangiranye n'igihe cy'intumwa.”

⁹⁶ Ndavuga nti: “Nk'Umubatisita ku Mubatisita, ndashaka kukubaza ikibazo.”

Aravuga ati: “Ni ikihe?”

⁹⁷ Ndavuga nti: “Wizera ko buri gice cy'Ijambo ry'Imana cyose cyahumetswe?”

Aravuga ati: “Kubera iki, cyane rwose.”

⁹⁸ Ndavuga nti: “Hanyuma, Yaravuze iti: ‘Ntukongereho ijambo rimwe, cyangwa ngo ukureho na Rimwe.’ Kuko,” Noneho ndavuga nti: “Nzakwerekana aho Umugisha w’intumwa uza ku bantu, kubw’amasezerano y’Imana, ubu unyeretse isezerano ry’Imana n’igihe ryaviriye mu bantu. Murareba, niba udashobora kugaragaza ibyo mw’Ijambo, ubwo—ubwo byibagirwe, murareba,” Ndavuga nti: “kuko Riracyakomeza.”

⁹⁹ Ntabwo yigeze agira icyo avuga mu minota mike. Nanjye nti: “Ni byiza, noneho, mwene Data, ndashaka kukubaza ibi. Petero yerekanye ubutumwa bw’intumwa, ku Munsi wa Pentekote. Kandi twese tuzi ko ari byo, kuko yari afite imfunguzo z’Ubwami, Yesu yamuhaye. Noneho dore ibyo yavuze. Yaravuze ati: ‘Nimwihane, buri wese muri mwe, abatizwe mw’Izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabarirwa ibyaha, kandi namwe muzahabwa impano y’Umwuka Wera. Kuko isezerano ari iryanyu, no ku bana banyu, kandi no ku bari kure, ndetse n’abo Umwami Imana yacu izahamagara.’ Noneho niba hari aho yabikuyemo, none byagenze bite ku magambo ya Petero ku Munsi wa Pentekote?” Murareba? Oya, ntabwo byigeze bihagarara!

Nshuti Ntama ipfa, Amaraso Yawe y’agaciro
Ntazigera atakaza Imbaraga zayo,
Kugeza Itorero ry’Imana ricunguwe
Rikijijwe, ubutazongera gucumura.

Noneho mu ndirimbo nziza, iryoshye,
Nzaririmba imbaraga Zawe zikiza,
Mu gihe uru rurimi rwanjye rugobwe,
rudidimanga
Rutuje bucece mu mva.

¹⁰⁰ Mana umfashe kwizera Ibyo kandi mbikomereho, kandi buri wese muri twe, ahagarare ku ruhande Rwabyo, kuko ni Ukuri k’Ubutumwa bwiza! Yego, mugenzi.

¹⁰¹ Umunyabwenge ntagomba na rimwe kureba kuri ibyo bintu. Kandi umenye ko bitazakora. Ntibyigeze bikora. Idini ryateguwe hamwe n’ubunararibonye butunganijwe rwose ntirizigera rikora Imbere y’Imana. Rigomba kuza, ritavangiye, rivuye ku Mana. Ntabwo ryigeze rikoreshe n’Imana, nta gihe cyabayeho Imana yigeze ikoresha imikorere nk’iyo. Noneho wowe, yoo, ubona abanyamuryango n’ibindi nk’ibyo. Ariko ndashaka kuvuga Imbuto nyayo y’Imana, Umugisha nk’uwamanutse ku Munsi wa Pentekote, ntabwo uzanwa n’idini; uzanwa no kuvuka, kuvuka ubwa kabiri.

¹⁰² Turatumiwe gufatira Isiraheli ho u—urugero, rw’uko babayeho. Icyitonderwa: “Barayitaye, isoko yabo bari barahawe, nuko bifukurira ibitega.” Ntushobora kwiyumvisha u—u—u—ukuntu, iyo umuntu ari kw’iriba riva mu butaka, ukanywa,

hanyuma ugashaka kurigira igitega, murareba, kurinyweramo? Noneho ni byo umuhanuzi yavuze, ni byo Ijambo ry’Imana ryavuze. byo ni byo Imana yabwiye umuhanuzi. “Mwarantaye kandi—kandi mwarandetse, njyewe Isoko y’amazi mazima; kandi mwicukuriye ibitega, bitobotse, kandi biva.”

¹⁰³ Murareba, ikintu, bashakaga ikintu bashoboraga kugenzura, cyangwa kwerekana ibyo bakoze. Ni byo—ubwo ni ubupfu bw’amadini ari kuri gahunda. Buri gihe buragerageza, bagomba kugira icyo babonamo bo ubwabo. Babonye kugira icyo mikorere yose hamwe na sosiyete, n’ibindi, “Kandi ubu ndi uw’iki gihe.” Aho kuba abana b’Imana bicisha bugufi, bashakaga ikintu bashobora kwerekana ubwabo. Aho kureka Imana ikabikora mu buryo Bwayo, bashakaga kubikora uko bishakiye. Kandi ni bwo buryo imikorere ifashe itorero uyu muni. Oya . . . Buri mikorere, umuntu ayishakira muri *ubu* buryo, undi akayishakira muri *buriya*. Niba uri Umumetodiste, ugomba kwifata muri *ubu* buryo. Umubatisita, muri *ubu* buryo. Umuperesibiteriyani, Umugatolika, cyangwa undi wese, bafite imikorere yabo. Nta kintu kibirwanya, ariko ibyo ntabwo ari byo mvuga.

¹⁰⁴ Umuntu ashakira uburyo bwe bwo kubikora, kandi Imana ifite uburyo Bwayo bwo kubikora. Yaravuze iti: “Ufashe inzira yawe, igitega gitobotse; kandi ntuzemera inzira Yanjye, inzira y’Ubugingo.”

¹⁰⁵ Kandi ibyo ni bimwe nk’ibyo muri iki gihe. Gusa ntabwo byahindutse na gato. Tekereza ukuntu ubupfapfa bw’umugabo usize isoko ituruka mu butaka ifite amazi meza asukuye, hanyuma arashakira kujya mu gitega gitobotse yicukuriye we ubwe, hanyuma akicukurira igitega, hamwe n’imyanda iri hejuru y’ikigega cyogerezwamo, hanyuma akanywa amazi agiturukamo. Mu by’ukuri hari ikintu kibi kiri mu mutwe w’uwo muntu.

¹⁰⁶ Kandi ubwo umuntu azizirika ku—ku gitekerezo cya kiliziya cy’Icyanditswe, aho kwakira Umwuka Wera wemeza Icyanditswe kandi ukagihindura ukuri, hari ikintu kibi cy’umwuka kiri muri uwo muntu. Ni byo rwose. Ni ukuri, Umwuka Wera! Buri wese afite ibisobanuro bya Bibiliya yabo, ibyo utekereza ko ari byiza. Imana ntikeneye ubufasha bwawe. Imana ntikeneye ibisobanuro byawe.

¹⁰⁷ Imana ni Umusobanuzi w’Ibyayo. Imana ikora ibisobanuro mu buryo I—uburyo Ivuga ko Yabikoramo. Umwami yaravuze mu ntangiriro ati: “Reka habeho umucyo,” nuko umucyo ubaho. Ibyo ntibikeneye ubusobanuro ubwo ari bwo bwose. Ni byo Imana yakoze. Yaravuze iti: “Umwari azasama inda,” yarasamye. Ibyo ntibikeneye ubusobanuro ubwo ari bwo bwose. Yavuze ko Izabikora “izasuka Umwuka Wayo ku bantu bose,” Yarabikoze. Ibyo ntibikeneye ubusobanuro ubwo ari bwo bwose.

Imana isobanura Ijambo Ryayo mu kuryemeza, no kurigaragaza, no kurihamya.

¹⁰⁸ Ubwo ni bwo buryo umuhanuzi yagaragajemo ko akomoka ku Mana. Yaravuze iti: “Niba hari umwe muri mwe, w’umunyamwuka cyangwa se niba ari umuhanuzi, Jyewe Uwiteka Ubwanjye nzabimumenyesha mw’iyerekwa, mvugane na we mu nzizi. Kandi ibyo avuga birasohora, noneho mumutinye; ariko niba atari byo, ntimukamutinye.”

¹⁰⁹ Ni icyo kintu kimwe iyo Imana ivuga Ijambo Ryayo, n’umuntu akavuga ati: “Ijambo ni *Iri*,” kandi bibaho muri ubwo buryo, noneho ni Imana ibikora.

¹¹⁰ Ariko niba avuga ati: “Ni *ubu* buryo, kandi iminsi irimo gushira,” kubera iki bifata byose mu... Afata umugati umara inzara, mu ntoki ze, ahereza abana, nuko awukuyeho; bicwa n’inzara. Ni ukubera iki wifuza kunywera mu gitega mu gihe isoko idudubiza mu butaka ihari?

¹¹¹ Isoko y’Ubugingo ni iki? Isoko y’Ubugingo ni iyihe, ni isoko y’Amazi abeshaho? Isoko iva mu butaka, twayigereranya nayo.

¹¹² Noneho ndashaka ko mubona itandukaniro riri hagati y’igitega n’isoko y’amazi y’ubuzima; iriba ry’amazi ava mu butaka, hamwe n’igitega gitobotse kiri aho cyuzuyemo udukoko, imiserebanya, ibikeri, mikorobe, n’ibindi-byinshi, murebe.

¹¹³ Kandi hano ni iriba ry’umwimerere ryiza cyane. Noneho nimwitegereze ibi. Ni ukwishyigikira. Ntugomba kuba ufite imikorere ihambaye kandi ngo uyizanemo amafaranga menshi. Ntabwo uhatiwe kwihuza n’ahari abanyamuryango benshi. Ifasha abayoboze bayo, bafite muri bo Umwuka w’Ubugingo, ukora neza.

¹¹⁴ Nimurebe amazi ava muri yo, afutse, meza kandi asukuye. Ntabwo ari igitega, ikintu cyanduye cyanditsweho ibitekerezo mirongo ine, mirongo itanu bitandukanye, kivuga ngo: “*Ibi* ni byo, kandi *ibyo* ni byo koko, kandi *ibi* byatekerejweho,” kandi baratora bagahamagara, kandi uko bagenda babikora, ubwo bahita babihinduramo idini. Ni Ijambo ry’Imana ryera kandi risukuye, ridahumanye, riturutse mu biganza by’Imana. Mu by’ukuri ni soko idudubiza iva mu butaka.

¹¹⁵ Mumenye ko, ibanga ry’imbaraga zayo riri muri yo ubwayo. Umuntu ntashobora kubibona. Ubwoko bumwe bw’igitutu, muni yacyo, ibyo bituma butera hejuru.

¹¹⁶ Ndibuka igihe na, mbere, nari umuyobozi wa leta ushinze umukino w’umuyobozi wa Indiana, Nakundaga kunyura, mu Ntara ya Harrison, hari iriba runaka, isoko. Buri gihe wasangaga ridudubiza. Kandi gusa, yewe, byasaga nk’ibintu bishimishije cyane. N’ubwo urubura rwabaga ruri hasi, urubura, rukonje, mbega ukuntu rwari rukonje, ryakomezaga kududubiza; aho

ibibindi byakozwe-n'abasaza n'ibigega, habagamo ibikeri n'ibintu byose, byari aho bikonje, bigagaye.

¹¹⁷ Kandi ibyo bigenda byerekana ko amadini ayo ari yo yose, kubwo kubura Umwuka cyangwa guhinduka gake kw'ikirere, bizahagarara. Ariko iriba ry'Imana riva mu butaka, We ni—uko Yari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose, bituma ibintu byose bibyimbiramo nuko bikiterera hanze yaryo. Kandi nta n'ikintu na kimwe kirimo, cyo guheraho. Nuko ikintu cyose kirinjijemo, rizagisunikira hanze y'inzira.

¹¹⁸ icyo kintu cyarimo kibyimba gutya, maze ndavuga ngo, nicayeyo umunsi umwe, naratekereje nti: "Nizera ko nzavugana n'iyi soko, akanya gato gusa." Nakuyemo ingofero, ndavuga nti: "Ni iki wishimiye cyane? Ni iki kikunejeje? Ahari ni ukubera ko impala zinywera iwawe, rimwe na rimwe."

Niba yarashoboraga kuvuga, yari kuvuga ngo: "Oya."

Ndavuga nti: "Ahari ni ukubera ko nyweye ibyo umpaye."

"Oya, ntabwo ari byo."

¹¹⁹ Ndavuga nti: "Ni byiza, ni iki kigutera kuba ukeye cyane, ufite isuku gutyo? None ni iki—ni iki kibyimbye, kigutera kubyimba, kikuzuza umunezero igihe cyose, kandi akaba nta kintu gishobora kuguhagarika? Urimo kuzunguruka mu kirere, kandi nta kintu na kimwe kirimo, amazi meza."

¹²⁰ Iyaba yarashoboraga kumbwira ngo, uzi icyo iryo riba ryaba rivuze? Iyaba yaravuze ati: "Mwene data Branham, ntabwo ari nje ubyimba, ni ikintu kiri inyuma yanjye, kimbyimbisha." Kandi uko ni ko bimeze. . . Iri ni ijamba ridatunganye, ariko uzi icyo nshaka kuvuga.

¹²¹ Kandi n'uburyo bimeze hamwe n'ubunararibonye bwo kuvuka ubwa kabiri. Ntushobora kubibamo. Ni i—iriba ry'amazi muri wowe, ryuzuye mu Bugingo buhoraho. Reba, hari ikintu kijyanye na cyo, utabona icyo ukimaza'. Ibigega byakozwe-n'abantu bishobora gukonja, kandi bigasabiriza ububutse n'ibintu byose; ariko umugabo uri muni y'iyi Soko, uba muri iyi Soko, ni amanywa n'ijoro! Oya, ntugomba gutegereza imvura yaho n'ububutse bwaho. Bikuzuyemo. "Nzamuha isoko y'Ubugingo, muri we, imwuzuyemo." Hariho ikintu kirimo, gishya buri muni, cyera kandi gifite isuku. Ni Ijambo ry'Imana ritavangiye mu mutima wawe no ku munwa wawe, ryirenganura Ubwaryo, ryivugira Ubwaryo. Sinzi niba imvura irimo kugwa, niba ari urubura, ikirere uko kimeze, uracyafite umunezero kuko Umwuka Wera ukurimo uhagije. Ni Imbaraga zihishe. Zimenyesha. Yoo, ibanga ryawo riri muri wo.

¹²² Uritanga ubwawo, mu bwisanzure, ku muntu wese unywa kandi agakoresha ibintu byawo. Noneho ntutoragura, uravuga uti: "Ni byiza, ubu ngomba kujya mw'itorero rya Metodiste kuko ndi Umumetodiste, kugira ngo ngire ububutse. Ngomba

kurenga *hano*, ariko (niba) ngomba kujya ku Mupentekote kuko ndi mu bubyutse bwa Pentekote.” Ndakubwira, igihe wabonye iryo riba ry’Amazi atemba, iyo Soko, mu gihe unywera hariya, nta tandukaniro, utanga ku bintu byose biza. Witeguye guha ibyiringiro by’Ubugingo Umugatolika, Umuporotesitanti, Umuyahudi, umuhakanamana, cyangwa ibyo ari byo byose. Wowe rwose, rwose wakiriye Ikintu muri wowe, ni ukubikora.

¹²³ Urabona ikindi kintu ku bijyanye n’ibyo, ntugomba kuwuhaga. Ntugomba kuwukurura, no kuwuhaga. Nabonye byinshi muri wo kugeza ubwo binteye uburwayi, kuvoma ikintu; gucuranga umuziki, no gusimbuka hejuru no hasi, cyangwa—cyangwa ikirundo kinini cy’ibitabo biri mu muji, n’ibimenyetso bikomeye, “Umuntu ujjanye n’igihe.”

¹²⁴ Hariho Umuntu umwe gusa ujjanye n’igihe, kandi uwo ni Yesu Kristo, Uko yari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose. Hariho Intumwa imwe gusa ivuye ku Mana, kandi uwo—uwo ni Yesu Kristo. Yego, mugenzi wanjye.

¹²⁵ Ibi ntugomba kubukurura ujjana hejuru, cyangwa ubijyana hasi. Cyangwa, ntabwo, ntugomba kubyinjiramo. Urabyakira gusa, ku buntu. Amina. “Ndi Isoko y’Amazi y’ubugingo; warantaye, kugira ngo wowe ubwawe ugende ukore ibigega.” Noneho ntugomba kuvoma, kuyakurura, kuyakurura, no kuyahuza, yacukurire, nta kindi. Ugomba kubyakira gusa, ku buntu.

¹²⁶ Ntukeneye tewolojiya iyo ari yo yose yakozwe-n’abantu mu guhanagura, cyangwa se, kukubwira ibiberamo, ibikorerwamo. Nta na kimwe. Tewolojiya yakozwe n’abantu bamwe n’imikorere y’uburezi, idini-ubwaryo riyita abakiranutsi muri *ibi*, no muri *ibi*, cyangwa igitega runaka cya gahunda y’idini; ntugikeneye. Ntabwo kigomba kuba gihari. Ushyira igitambaro kuri Ibyo, bikagiterera hejuru mu kirere. Ntaho bihuriye nacyo. Ni ukwishyigikira-ubwawe! Ni Imbaraga z’Imana zinjira mu Buzima. Kuki umuntu yasiga ikintu nk’icyo, kugira ngo yinjire mu mikorere, irenze iyo navuga. Ntabwo zikeneye ibitambaro ibyo ari byo byose. Ntabwo zibikeneye. Ntabwo bikenewe kuba nti-...ntizikeneye gushingira ku mvura y’akarere kugira ngo zuzure. Igihe cyose ziba zuzuye. Amina.

¹²⁷ Umugabo, ndumva bavuga bati: “Uyu muni nsaye mu myanda.” Yoo, mbega!

¹²⁸ Yoo, nshimishijwe no kuba Imbere y’Imana, niba ibintu bigenda neza cyangwa bitagenda neza. Ni Ubuzima bwanjye. Amina. Ni Ubuzima bwacu. Ni Ubuzima, Ubuzima busendereye. Yego, mugenzi. Kandi—hanyuma urebe ibyo Budukorera. Imbaraga Zabwo n’ubuziranenge biri muri Bwo. Ntabwo bukeneye inyunganizi iva mu gitega cyangwa mu yindi mikorere iyo ari yo yose.

¹²⁹ Umuntu aravuga ati, “Ni byiza, ikarita yawe y’ubusabane ni iyihe? Reka turebe niba uri Umubatisita mwiza. Ndaza kureba niba wabonye ikarita.” Cyangwa—cyangwa, “. . . Umupentekote mwiza . . . niba uri mu itorero ry’Ubumwe . . . Abanyabubiri . . . Abanyabutatu.” Cyangwa—cyangwa se “. . . mu rindi iryo ari ryo ryose.” Murareba, Ntabwo bukeneye inyunganizi iyo ari yo yose. Buri gihe buragenda. Yego.

¹³⁰ Urabizi, Nigeze kugira mwene iki gitega gishaje, Nabwirijwe n’umukuru gukuramo amazi nungikanya nungikanya nungikanya, nkoresheje iyi pompe ishaje, kugira ngo nyakuremo; murabizi, ukururamo mazi, hanyuma ugakururamo ikirundo cy’udukoko n’ibindi, kugira ngo ukurure usohoremo udukoko n’ibintu byose. Ni bwo buryo gusa bujyanye n’uko iyi mikorere y’ububutse iteye.

¹³¹ Ariko, Imana ishimwe: “Hari Isoko yuzuye Amaraso, aho abanyabyaha bibira muni y’umwuzure!” Ntabwo mugira abayoboze b’itorero; bamwe muri bo mubagira Abakristo iyo baje kuri iyo Soko.

¹³² Ni ukubera iki mwasiga Isoko y’amazi y’ubuzima, mukanywa ku kidendezi nk’iki?

¹³³ Nta kuvoma; Imbaraga Zayo ziri muri Yo. Ntabwo Ikeneye inyunganizi, yego, mugenzi, kuko (Yonyine) Ubuzima Bwayo buri muri Yo. Ni muri ubwo buryo Imbuta y’Imana iri mu mutima w’umuntu. Ubuzima bw’Imana buri mu muntu, ntabwo buri mw’itorero, muri wowe, ni muri wowe, ni wowe ufite mikorobe y’Ubuzima muri wowe.

¹³⁴ Uburyohe bumwe gusa bwemeza ubwoko bwose bw’abayobozi b’amadini. Baza umupadiri w’Umugatolika, baza Umubatisita, ibyo ari byo byose. Uburyohe bumwe gusa bw’aya mazi meza ava mu butaka, ndakubwira, bwemeza ko ari Ukuri. Roho yawe ishonje, uko byagenda kose, iremeza inyota, uko byagenda kose. Noneho niba udafite inyota . . . Uyu Mubatisita muto, ntabwo yari afite inyota, uhereye mbere; ariko amaze kugira inyota, amazi yaramuryoheye cyane. Ni byo, ariko ufite inyota, “inyota y’umugisha,” nk’uko Yesu yabyise. “Urahirwa wowe ufite inzara n’inyota byo gukiranuka, kuko uzahazwa.” Amina. Yesu yarabivuze, nshuti. Yego, mugenzi, Ni Isoko imara inyota ku bayifite.

¹³⁵ Ni ukubera iki umuntu wese ashaka kuyihindura ikiziba? Ni gute wifuza gutoba isoko idudubiza mu butaka ukayahindura ikiziba, cyuzuye udukoko n’umwanda w’ubwoko bwose bw’inyigisho zakozwe-n’abantu, ari byo Imana yavuze ngo: “Nihagira uwongeraho ijambo rimwe kw’Ijambo Rye, cyangwa agakuraho rimwe kw’Ijambo Rye, umugabane we uzakurwa mu Gitabo cy’Ubugingo”?

¹³⁶ Kandi igihe Imana yasezeraniye ko izahamiriza iri Jambo mu gisekuru cyose, “Erega isezerano ni iryanyu hamwe n’abana

banyu, ndetse n'abari kure, nk'uko Uwiteka Imana yacu izahamagara," kubera iki mwavoma kuri pompe yanduye imyaka myinshi, uhereye kuri manu ishaje? Ahari manu yari imeze neza, nta kintu kiyirwanya, mu gihe cya Martin Luther, mu minsi y'ibi n'iminsi y'ibyo, n'abandi bagorozi, ntacyo babivugaho; ariko iyo ni manu yaguye kera cyane.

¹³⁷ Iyo turebye muri Bibiliya, bagombaga kuyitoragura buri muni. Bagombaga kubona inshyashya. Iyo imaze gusaza gato, irabwira. Ntishobwira kubwira idashengutse. Igomba kugira udukoko tutagaragarira amaso, cyangwa ikindi kintu—kugira ngo ibashe kubwira. Turabizi ko ari byo.

¹³⁸ Kandi ni uko imikorere yubatswe! Nyuma yo kuyirambika hariya ikava ku bubyutse ijya ku buri, hanyuma ikaza kwandura ikuzuramo udukoko, kandi nk'igitega cyuzuye imisundwe y'uturizwa, nk'uko twakunze kubwira, udukoko duta dushaje tuzengurukamo.

¹³⁹ Kandi uko ni ko bigendekera uburambe bw'abantu benshi muri iki gihe. Byu—byuzuyemo imisundwe izunguza imirizo, inyuranamo umwe kuri umwe, umwe ku wundi, kuvuga inkuru zitarimo Ukuri na busa rwose. Ni byo, kuzunguruka umwe ku wundi. "Nari Umumetodiste; Nifatanije n'Ababatisita. Nari Umugatolika; Nagiye kuba *uyu*. Nagiye kuba *uriya*." Ni imirizo yizunguza gusa.

¹⁴⁰ Yoo, ibagirwa byose, hanyuma uze kw'Isoko (Amina!), Isoko y'amazi meza aya mu butaka, Ukugaragara-guhoraho kwa Kristo! Ndamwizera ko ari Isoko y'Ubugingo idashira. Uko mubona byinshi kuri We, bigenda birushaho kuba bishya, kandi uko bigenda birushaho gukonda, birushaho kumera neza, kandi bikarushaho kuryoha. Ubu maze imyaka mirongo itatu n'itatu mukorera, kandi buri muni ndakura neza kuruta uko byari bimeze ejobundi. Sinigeze mbaho. . . Yavuze ko utazigera ugira inyota nunywa kuri aya Mazi. Nimwitegereze uburyo bikomeye. Yoo!

¹⁴¹ Isiraheli yakoze nk'uko benshi babikora uyu muni, basize isoko y'amazi mazima, kugira ngo bo ubwabo bajye gufukura amariba.

¹⁴² Noneho kuvuga ubuntu mu mwanya muto, mbega ubuntu bw'Imana. Twabonye amategeko n'amabwiriza, "Niba kandi udapimye kugeza kuri iki gipimo. . . Nabonye inkoni yo gupima idini; niba udapima kugeza kuri ibyo gusa, ngo ugereranye, ntushobwira kwinjira," n'ibindi n'ibindi. Ariko Imana idukiza kubw'ubuntu, ntabwo ikoresha inkoni yo gupima. Murareba? Ariko Imana, ubu ivuga ubuntu, neza uko ibi byagenze kugira ngo bigerweho, ukanywa amazi avuye kuri Yo, uhereye kuri iyi nkoni yo gupima. . .

¹⁴³ Kwitotomba, yitotomberaga Isiraheli. Nimwitegereze, Yaravuze iti: "Nzongera kubasura." Mwitegereze mu

Byanditswe. Mumenye ko, Agiye kubagerageza, kongera kubasura. Kwitotomba kwa Isiraheli, ku Nyanja Itukura, yahamagariwe kumukurikira binyuze mu mazi y'ibiziba ya Misiri, kugira ngo babe ishyanga ribohowe. Bari imbata. Batumiriwe kuza kuba ishyanga ribohowe, hamwe na We. basohoka banyuze mu Nyanja y'Umunyu, Inyanja Ipfuye; Inyanja Itukura, ahubwo, basohoka bayinyuzemo, kugira ngo bajye mu butayu, kugaragaza itandukaniro riri hagati yabo n'abigana bagerageza kubyigana, batarakebwe.

¹⁴⁴ Yoo, ni byo byateje ikibazo. Buri wese muri bo yarimbukiye neza mu bu-..., cyangwa, neza—neza mu nyanja, Farawo n'ingabo ze. Babonye abantu bagendana kubw'Imbaraga zidasanzwe, nuko bagaruka hirya no hino bagerageza kubyigana, batarigeze bashyirwa mu banyamugisha. Hanyuma babikoze, bararimbuka. Ni ikigereranyo cy'umubiri.

¹⁴⁵ Umuntu agerageza gukora ibyo, agerageza kwigana ikintu, noneho arimo kugereranya umubiri w'Umukristo nyawe.

¹⁴⁶ Mwene Data w'Umuhinde hariya arabizi. Zamuka uzenguruke Bombay uzabona abantu bari aho, Abahindu n'abandi, bishingikirije ku macumu... bagenda ku kirahure no—no mu muriro, berekana icyo bashobora gukora, n'ibintu nk'ibyo... Ni byo kwigana k'umubiri w'umuntu runaka wagiye mw'ishyamba hariya, akabikora atambira imana ye.

¹⁴⁷ Turabona ko mu buzima bwose bw'amadini, kwigana umuntu, umuntu ugerageza kumera nk'abandi. Hariho urugero rumwe gusa ugomba kumera nka rwo, ni Yesu Kristo, Wari Ijambo. Noneho iyo Ijambo ry'Imana rije kuri wowe, rizaba ari rya rindi.

¹⁴⁸ Ariko Imana yabayoboye neza mu gihugu cyasezeranijwe, uko byagenda kose. Basanze, kandi, ikigega cyose, mu gihe batangiye kunyura mu butayu mu rugendo rwabo ubu, bamaze gutandukana, basanga ikigega cyose cyumye, kuri bo.

¹⁴⁹ Kandi uzabona ikintu kimwe, mwene Data, mu gihe utangiye uru rugendo mu Gihugu cyasezeranijwe. Uzasanga imiryango ifunze. Nk'uko uriya mubwiriza muto yabivuze, w'Umwangilikani, cyangwa icyo ari cyo cyose, kandi, ikintu cya mbere muzi, ni uko itoreri rye ryamwirukanye. Murareba, igihe cyose yakoresheye uko ashoboye kugira ngo benshi bakire Umwuka Wera, byahise bimurangirana.

¹⁵⁰ Natwe... kandi Isiraheli bahuye n'ikintu kimwe, bafatiraho nk'urugero, mu rugendo rwabo mu gihugu cyasezeranijwe. Ibigege byose byari byarakamye. Yego, mu rugendo rwabo bumvira Ijambo Ryayo ryasezeranijwe, urugendo rwabo, mu bigega, basanze byarakamye. Noneho basanze ikigega—ikigega kidashobora gushingirwaho, ku rugendo.

¹⁵¹ Niba kandi ugiye gukora urugendo wumvira Ijambo ry'Imana, ukagerageza kwifatanya *n'ibi* ndetse na *biriya*, ugiye

gusanga nta kigega kiri kw'isi kizabishyigikira. Ntabwo ari byo rwose. Uri umuntu ku giti cyawe. Imana ikuyobora mu nzira Ishaka kukuyoboramo. Noneho, twabonye ikintu kimwe uyu muni, kandi ibigega byose byarakamye.

¹⁵² Ariko amasezerano, ahora ari ukuri, ku Mana Izakomeza amasezerano Yayo ku bantu Bayo. Yasezeraniye gutanga ibyo bakeneye byose, nuko Irabikora. Hagati y'ibigega birimo ubusa, byakamye, tekereza gusa, kandi Isirayeli yitotomba, mu butayu, mu rugendo rwabo, Yahamagaye umugaragu-uyobora Wayo, umuhanuzi Mose, Imuhamagarira kuja ku ruhande rumwe, ifungura isoko y'amazi y'ubugingo, ku Rutare rwakubiswe, kugira ngo abana Bayo bizera batazarimbuka.

¹⁵³ Kuri uyu muni, ibyo bivuga ubuntu, kuri njye. Ntidukwiriye. Uburyo twakoze, uburyo twabayeho, ntidukwiriye.

¹⁵⁴ Ariko Mana, kuri uyu muni, nk'uko bimeze hano muri iki gitondo, murareba, ku Mumetodiste, Umubatisita, Umuperesibiteriyeni, Umugatolika, no ku bandi bose, Yafunguye Isoko. Abaheburayo 13 harabigaragaza, ko uko Yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose. Ni byo—ni ukuri, Yohana 3:16, "Kubera ko Imana yakunze isi cyane, ku buryo yatanze Umwana Wayo w'ikinege, kugira ngo umuntu wese umwizera atarimbuka, ahubwo ahabwe Ubugingo budashira."

¹⁵⁵ Kandi yarazamuwe kubw'impamvu ikomeye, kuko abantu bitotombye kandi bagakora ibyaha, kandi barumwe n'inzoka nuko barapfa; kubwo kubabarirwa ibyaha byabo, no gukira kw'indwara zabo.

¹⁵⁶ Kandi iyo ni ya Soko idufunguriwe uyu muni, kubw'agakiza kacu no gukira kwacu, gukira k'umubiri. "Kubera ko uko Yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose."

¹⁵⁷ Kandi igihe Urutare rwakubiswe n'Ijambo ry'Imana ryasezeraniye, rwarategetse, Rwangaga isoko idudubiza y'amazi meza; ntabwo—ntabwo yari ibiziba, ntabwo yari yanduye, ahubwo ni Ukugaragara kw'Imana Yonyine. Amazi meza, kandi yakijije abanyanyweye bose. Noneho tuze ko ibyo ari ukuri, kuko twabisomye mw'Isezerano rya Kera, nk'urugero.

¹⁵⁸ Noneho, ntabwo mugombaga kuyakurura, kuyapompa, kuyinjiramo, kujya mu maseminari kugira ngo mwigie kuyakoresha. Bazababwira uko mwayakoresha hariya, murareba, "Oh, erega, mwebwe, niba mwarakiriye Umwuka Wera, turabyizera, ariko namwe mu—mubikora muri *ubu* buryo."

¹⁵⁹ Ariko, murabona, nta kugenzurwa kwabyo. Ntabwo mukoresha Umwuka Wera; ahubwo Umwuka Wera ni wo ubakoresha, murareba. Murareba, ntabwo ari ko muri, ntimugomba gukoresha Umwuka Wera; Umwuka Wera

mwarawuhawe. Impano ntabwo ari ikintu mufata, nk'icyuma, ngo mugicongeshe ikaramu y'igiti. Ni ukwiyegurira Imana, no kwikura mu nzira kugira ngo Umwuka Wera ubakoreshe.

¹⁶⁰ Mumenye ko, batigeze bayapompa cyangwa bayakurura, cyangwa ntibigeze babaza bati: "Ubu dukoreshe dute aya mazi?" Kubera ko, bari bazi kuyakoresha. Bari bafite inyota. Bari bazi icyo gukora.

¹⁶¹ Kandi rero ni kimwe no ku mugabo cyangwa umugore, hatitawe ku myemerere cyangwa idini barimo. Niba afite inyota ku Mana, ntibagomba gusubira mw'iseminari, nk'uko uyu muvandimwe w'Umwangirikani yabigenje, cyangwa umuvandimwe w'Umwongereza, mw'ijoro ryakeye, agomba gusubira inyuma akareba uburyo, mw'itorero rya Angilikani bimeze, uburyo agomba gukoresha iyi mpano ikomeye yahawe, avuga mu ndimi, n'uburyo agomba gukora *ibi*. Bahita bamwirukana, ako kanya kw'ikubitiro. Murareba? Yari afite inyota, Imana rero iramwuzura. Ibyo ari byo byose ibyo ni ko bimeze. Ni ukugira inyota, hanyuma Ikagerageza kubuzuza gusa.

¹⁶² Ntimugomba kugira igenzura iryo ari ryo ryose, umuntu runaka ababwira icyo mugomba kurikoresha. Imana iyobora buri muntu mu—mu nzira Ishaka ko anyuramo. Uri u—umuntu ku giti cyawe, wowe ubwawe. Uri igice cy'Imana. Nta muntu ushobora gufata umwanya wawe. Kandi ntabwo ugomba kugira uwo ubanza gucaho, hanyuma uvuge nonaha ngo, ngomba kugira icyo "nkoresha *ibi*," cyangwa icyo "nkoresha *biriya*." Oya, Mugenzi. Imana ibikoresha mu nzira yayo uko—uko ishaka. Iyo ufite inyota, umenya kunywa bihagije.

¹⁶³ Niba kandi ufite inyota muri iki gitondo, unywere muri Ryo, ni byo ugomba gukora. Imana yari yaraciriye inzira inyota yabo, abana bafite inyota yo gufata ibyo kunywa Byayo ku buntu. Kandi Imana yahaye inzira buri mugabo n'umugore muri iki gitondo, ushonje kandi ufite n'inyota. Ahari hariho abantu bicaye hano, batigeze bakizwa. Hano hari abantu bicaye hano bari hafi yo gukizwa.

¹⁶⁴ Hano hari abantu, bicaye hano nk'abayoboke b'itorero, bashaka gukora neza, ariko murimo kunwera ku kigega. Ntibazigera bakubwira Ukuri.

¹⁶⁵ Ikintu cyonyine, kizabaho, ni ugufata amasezerano y'Imana hanyuma ukaza kuri iyo Soko, noneho Yo ikakumara inyota. "Unywere kuri iyi Soko ntazongera kugira inyota ukundi."

¹⁶⁶ Murareba noneho uko—uko abohora Abe—Abe bakiriye aya mazi, ku buntu, kandi ntabwo ari imikorere cyangwa igitega cy'uburezi. Yemeza Ijambo Ryayo, ni isoko-itanga Ubugingo. Ni bangahe hano bazi ko bakiriye Ubugingo igihe mwakiraga iryo Jambo n'amazi Yayo, gusa muzi ko mwakiriye Ubugingo?

167 Reka dufate, neza, nk'urugero, urundi rugero rumwe gusa, cyangwa ebyiri, hanyuma ubu ngiye guhagarika mu mwanya muto. Ngo—Ngomba kugira ahantu runaka ngomba gusozereza. Ariko hari icyitonderwa. Gusa nkomeje kuvuga, ariko si byo nshaka gukora. Nimurebe, reka dufate urugero, abantu babiri gusa.

168 Reka dufate umugore ku iriba rya Yakobo, ryacukuwe neza. Aho yari yicaye. Ibyo ari byo byose umugore yari abizi, hari kuri iki gitega aho yaje kuvoma amazi. Kandi hejuru y'iriba yasanze, mu miterere y'ahantu hato heza, Umugabo wicaye aho, Umuyahudi. Kandi yari Umusamariyakazi, ni mu umujyi wa Sishari. Tumenye kandi ko Uyu mugabo, uyu Muyahudi, yavuganye Ijambo ridasanzwe n'uyu mugore, ati: "Nzanira icyo kunywa."

169 Yaravuze ati: "Dufite amacakubiri. Ntabwo bi—ntibikwiye ko umbaza ikibazo nk'icyo; Uri Umuyahudi, nanjye ndi Umusamariyakazi."

170 Yaravuze ati: "Ariko niba wari uzi uwo uvugana na We, wansaba Njyewe icyo kunywa, nanjye Naguha amazi atuma utazongera kwifuza kugaruka kuyanywera kuri iki gitega; ukaba iriba ry'amazi adudubiza muri wowe." Nimurebe igihe yasobanukirwaga ko ibyo byagaragaye ko ari Ukuri!

171 Noneho, ubanza, umuntu uwo ari we wese yarashoboraga kubivuga. Ariko yaravuze ati: "Uravuga ngo usengera i Yerusalemu, natwe dusengera kuri uyu musozi."

172 Aravuga ati: "Agakiza kava mu Bayahudi. Tuzi ibyo twemera. Ariko," ati: "reka nkubwire ikintu kimwe," mu magambo nk'aya, "haba kuri uyu musozi, cyangwa i Yerusalemu. Kubera ko igihe kirageze ubwo umuntu azasenga Imana mu Mwuka no mu Ukuri, nk'uko Data abishaka." Yaravuze ati: "Genda ushake umugabo wawe muze hano." Murareba, hano harabihamiriza. Hano herekana isoko yari arimo. Yaravuze ati: "Genda ushake umugabo wawe muze hano."

Aravuga ati: "Nta mugabo mfite."

173 Yaravuze ati: "Wavuze ukuri." Reba, byasaga nk'aho bivuguruzanya rwose n'ibyo Yamusabye, Aravuga ati: "Genda uzane umugabo wawe."

Ati: "Nta mugabo mfite."

174 Aravuga ati: "Wavuze ukuri." Ati: "Kubera ko wagize batanu, kandi uwo mubana ubu nawe ntabwo ari uwawe."

175 Reba uriya mugore, mbega ukuntu bitandukanye n'abapadiri b'icyo gihe! Abapadiri b'icyo gihe babonye ibyo biba, maze baravuga bati: "Ngiyo shitani, ugukururwa hagati y'umuntu n'undi, cyangwa—cyangwa Belizeburi." Murareba, bananiwe kubona Ijambo risezeranya ibyo.

¹⁷⁶ Ariko uriya mugore muto yari azi neza Ibyanditswe kurusha abapadiri bose. Yaravuze ati: “Nyakubahwa, ndabona uri umuhanuzi. Ntabwo duheruka umuhanuzi tumaze imyaka magana ane, kuva muri Malaki. Ariko,” yaravuze ati: “twashakishije umwe, kandi tuzi ko hariho Umwe uzaza, ni Mesiya. Kandi ubwo Azaza, ibi ni byo Azakora.”

Yesu aramusubiza ati: “Ndi We.” Amina.

¹⁷⁷ Mwabonye ko, yahise ata indobo ye kw’iriba rya Yakobo, yiruka mu mujyi hose ; yuzuye iriba ry’amazi adudubiza mu butaka! Yari yarabonye ko byemejwe neza, kandi Yari Isoko y’Ubugingo. Reka mukubwire neza nawe. Yayitaye aho; akimara kumenya ko ari We Jambo ry’Ubugingo. Yarayitaye; kandi yari yaravumbuye ko rwa Rutare rumwe, rwakubiswe mu butayu, byagaragaye ko ari rwo rwari ruhari icyo gihe.

¹⁷⁸ Mureke mvuge, iyo Mana imwe yariho mu minsi yashize, ari yo tuvugaho cyane, Iri hano na nonaha; ntabwo byatewe no gusobanukirwa tewolojiya, ahubwo ni ubumenyi bwihariye bwo gutsindishirizwa Kwe ko Izasuka muri iyi minsi ya nyuma, Umwuka Wera kw’itorero Ryayo. Ntabwo ari “Nari.” Aracyari “NDIHO,” mu ndagihe, buri gihe.

¹⁷⁹ Hanyuma igitega cyatakaje uburyohe. Kandi rero, umuntu wese wigeze kugwa mu bubasha bw’Imana, binyuze mu mubatizo w’Umwuka Wera, kuri we imikorere y’amadini itakaza uburyohe. Ntabwo uba ugikeneye ukundi ibyo bikeri byo mu kidendezi, n’imiserebanya, n’udukoko, n’ibindi n’ibindi. Urimo kunywera kw’Isoko nshya kandi yera, Ijambo ry’Imana, rihora ari rishya buri saha mu bugingo bwawe. Kimwe n’ubu, mu gihe Ijambo ryagaragaye ko ari Ukuri, risogongere maze urebe ko atari iry’ukuri.

¹⁸⁰ N’ubwo icyo gitega cyakoraga neza, cyakoresheje igihe cyacyo neza; ariko, murabona, Isoko y’Ubugingo yari ihari, ntabwo iriba rya Yakobo rikiriho, kubera kunywa mu mwuka. Ibyo batekerezaga, iyo banyweraga kuri iryo riba, byose, byagendaga neza; ariko ubu Isoko y’Ubugingo Ubwayo yari yicaye aho.

¹⁸¹ Noneho ntidukeneye imikorere n’imiryango dufite. Turi mu gihe cya nyuma. Kandi Imana yasezeraniye, muri iki gihe cya nyuma, ibintu Izakora. Kandi turabona bisohoye, kw’Ijambo. Twumva umugaba w’ingabo z’abasirikare, ahaguruka, aza agahinda umushyitsi, akavuga ati: ba, “Ikintu kiri bugufi gusohora.” Twumva Umwuka Wera atuburira ko hari ikintu cyenda kuba. Turabona ibintu byose byashyizwe ku murongo. Noneho, va mu mikorere hanyuma uze kw’Isoko. Ni byo, mugenzi.

¹⁸² Yageze ku ntego ze, ariko noneho yisanze ari kumwe imbona nkubone n’Iriba Ubwaryo.

183 Muri Yohana 7: 37-38, Yesu yaravuze ngo mu minsi ya nyuma y'umunsi mukuru w'ingando (yavuze iki?), "Niba hari umuntu ufite inyota, aze aho Ndi, maze anywe." Neza mu matsinda ya tewolojiya! "Niba hari umuntu ufite inyota, aze aho Ndi, anywe. Erega Ibyanditswe bivuga ko, muri we hazatembera imigezi y'Amazi y'ubugingo."

184 Hano hari Isoko nzima. Ngiyo Isoko abantu bataye uyu munsi. Kubera inyigisho zidasobanutse, baretse Isoko y'Amazi y'ubugingo. Reka mukubwire We. Kuri njye. . . Kandi ndasojye.

185 Kuri njye, ni Isoko yarakoye ubuzima bwa Hagari, n'umwana we, igihe bapfiraga mu butayu.

186 Nizera ko ari Urutare, muri Yesaya 32, Ni Urutare mu gihugu kirushye. Ni ubuhungiro mu gihe cy'umuyaga.

187 Zakariya 13, Ni Iriba rifunguye mu Nzu ya Dawidi, kubera icyaha. Nizera ko We ari ko ateye. Wowe si uko ubyizera?

188 Muri Zaburi 36: 9, Ni isoko y'Ubugingo ya Dawidi. Aracyari Amazi ya Dawidi, n'inzuri zitoshye. We ni Amazi hafi y'umugezi, kuri Dawidi.

189 Mw'Itangiriro 17, Ni amabere yonsa ya Aburahamu, El Shaddai. Ariko igihe ubuzima bwe bwamuvagaho, yakomeje ku. . . Imana yaravuze.

190 "Umugabo ufite imyaka ijana, ibi bintu genda gute? Ndashaje, umugore wanjye arashaje, ibyo bintu bishoboka bite?"

191 Aravuga ati: "Ndi El Shaddai." Ubu, *El* ni "i," na—*Shaddai* ni "ibere," na Shaddai ni mu bwinshi, bivuze ngo: "Ndi Imana yonsa."

192 Nk'uruhinja rufite ikibazo kandi rurwaye, n'imbaraga zarushizemo, rwishingikiriza igituza cya nyina maze rukonka imbaraga ze nyuma. Ni byo. Ntabwo ari gusa. . . Iyo ari ukurera, ntabwo acika intege. Kw'ibere rya nyina, ruranyurwa mu gihe rurimo gutora imbaraga.

193 Kandi umuntu wese uzafata amasezerano y'Imana mu mutima we, ko, "Amasezerano ari ayanyu, hamwe n'abana banyu, n'abari kure bose, bazahamagarwa n'Umwami Imana yacu," hanyuma uryame neza kuriya kandi wonse imbaraga zawe. Mwana w'umunyabibazo, byizere! Ni iby'abizera.

194 Ku musizi wizera, nshobora gutekereza ku ndirimbo nyinshi abasizi badusanganye. Hariho umwe muri bo wavuze igihe kimwe, Ya:

Hari Isoko yuzuye Amaraso,
Yakuwe mu mitsi ya Emanweri,
Ubwo abanyabyaha bagwaga munsi
y'umwuzure,
Batakaje ibizinga by'umutima ubacira
urubanza.

Wa mujura agiye gupfa yishimiye kubona
 Iyo Soko yo mu gihe cyeye;
 Aho nshobora, n'ubwo ntahwanye na we,
 Ikuraho ibyaha byanjye byose.

Kandi kuva ubwo kubwo kwizera nabonye uwo
 mugezi
 Ibikomere byawe bitemba,
 Urukundo rucungura rwabayeye
 insanganyamatsiko yanjye,
 Kandi bizaba kugeza igihe nzapfira.

¹⁹⁵ Kuri njye, Ni Amazi y'Ijambo ryo Gutandukana,
 igutandukanya n'ibintu byose binyuranye n'Ijambo Ryayo.
 Ngiyo Isoko nemera ko Ari yo. Yego mugenzi. Ayo, ni Amazi
 yantandukanije n'ibitega byakozwe-n'abantu, kugeza kw'Isoko
 y'Amazi y'ubugingo. Yoo, nshuti, nshobora gusa... Ushobora
 gukomeza gusa, hamwe n'ibintu by'uko—uko Ari uwacu! Ni
 Alpha, Omega. Ni Intangiriro, akaba n'Iherezo. Ni We wariho,
 uriho, kandi uzaza. Ni Igishyitsi cyo mu Muryango wa Dawidi.
 Ni Inyenyeri yo mu Ruturuturu. Ni we Wanjye muri byose.

¹⁹⁶ Kandi, mwene Data, mushiki wacu, niba utarigeze u—u...
 Gusa unywera muri kiriya kigega cyakozwe- n'abantu, ubuzima
 bwawe bwose, kubera iki muri iki gitondo utareka icyo gitega
 hanyuma ukaza kunywera kuri iyi Soko?

¹⁹⁷ Mureke twunamishe imitwe yacu akanya gato. Hamwe
 n'imitwe yunanywe... [Mushiki wacu atangira kuririmba
 mu rundi rurimi. Ahantu hatagaragara kuri kaseti—
 Ubwanditsi.] ... ku gitekerezo cyanjye, igicaniro kirahamagara.
 Ubu noneho ni bangahe?

¹⁹⁸ Njye—Njye nari mfite ubwoba, njye—nakomeje kubarindira
 cyane, bituma ncagaguramo ubutumwa bwanjye ibice. Ariko
 ndizera ko Umwuka Wera ashaka ko ubona icyo nshaka kuvuga.
 Murareba, nta kintu cy'ingenzi muri iki gihe nko gukiranuka
 n'Imana; murareba, ibyo kurya byacu, ibyo ari byo byose, ibyo
 ari byo byose. Uwiteka ari hano. Noneho, ibyo nabyumvise gusa
 inshuro imwe mu buzima bwanjye, uhereye iki gihe.

¹⁹⁹ Noneho bite...mwese hano, ntabwo "ni bangahe." Buri
 wese muri mwe hano ushaka kuyanywaho, nahaguruke gusa
 umunota umwe, kugira ngo dusenge. Imana iguhe umugisha.
 Uwiteka aguhe umugisha.

²⁰⁰ Ubu ni bangahe hano, abo—abo bahagaze ubungubu,
 bavuge, n'ikiganza kizamuye *gutya* bati: "Mana, nkomeza,
 unyuzuze gusa, reka nywere kuri iyi Soko. Kandi ntabwo
 nakoze neza igikwiye, ariko njye—njye ndashaka ko umbabarira
 kubw'ibyo. Ndashaka ko woza ibyaha byanjye. Reka—reka—
 mundeke, guhera uyu munsu, gusa...?" Reba neza! Habwa
 icyubahiro!

Hari Isoko yuzuye Amaraso,

Yakuwe mu mitsi ya Emanweri,
 Abanyabyaha barohamye muni y'umwuzure,
 Batakaza amakosa yabo yose abacira
 urubanza.
 Batakaza amakosa yabo yose abacira
 urubanza,
 Batakaza amakosa yabo yose abacira
 urubanza.
 Abanyabyaha baribira muni y'umwuzure,
 Batakaza amakosa yabo yose abacira
 urubanza.

201 Noneho ibyo, wowe Mukristo wizera, wemeye Kristo nk'Umukiza wawe bwite, ariko nturabona... Noneho niba utarabikora, iyo ni Isoko. Gusa icyo nzi kimwe ni uko Isoko iva mu mitsi ya Emanweri. Noneho, kandi niba benshi muri mwe muri hano...

202 Ni nk'aho navugaga ejobundi ku byerekeye ikizu gito kigenda gitorera hamwe n'inkoko. Kandi nta kindi cyigeze kimenya uretse inkoko, ariko cyari kizi ko hari ikintu kicyerekana kigitandukanya n'inkoko. Hanyuma nyina yaje kugihiga, maze itakira hejuru. Byari uguhamagara kw'ikizu. Murareba, cyagombaga kuba ikizu, mbere na mbere, bitari ibyo ntabwo cyari kumenya iyo mpamagara. Murareba, cyo...

203 Hagomba kubaho ikintu, kibanguriye, bitari ibyo ntigishobora gutanga Ubugingo. Niba kandi Imbuto, Ijambo ry'Imana, riri muri mwebwe, Umwuka Wera arahari none kugira ngo abibangurire kandi abikugezeho.

204 Ni bangahe hano batarabona umubatizo w'Umwuka Wera, mwazamurira ibiganza byanyu? Hirya no hino, ahantu hose, gusa inyanga mugayeho nyazo, niba mutarakiriye Umwuka Wera, kandi mukaba mubishaka, muzamurira ibiganza byanyu. Aho muri hose, mugumisha ibiganza byanyu hejuru, akanyaga gato.

205 Noneho ndashaka ko, muhagarara hafi ku ruhanda mukabitegereza, ndashaka ko hagira umuntu ubarambikaho ibiganza.

206 Ndizera ko ubungubu Umwuka Wera aza kuzuba buri wese ubishaka. Noneho ntumutekereze ibiryo biri hanze aho bacururiza ikawa. Reka dutekereze kuri ibi Biryo biri hano. Uyu ni Umwe. Ubu ni Ubuzima. Murebe, ubu ni Ubuzima.

207 Noneho hindukirira iburyo, buri wese muri mwe, kandi murambikaho ibiganza. "Nuko babarambikaho ibiganza!" Noneho ndashaka ko usengeraga uwo muntu ufashe ukuboko...

208 Noneho ntumutekereze gusohoka. Ntumutekereze ku bindi. Tekereza gusa, ubungubu, Umwuka Wera ari hano kugira ngo yuzube buri muntu. Fungura umutima wawe, ujugunye amazi y'igitega yose, hanyuma uvuge uti: "O Soko y'Ubugingo, ngwino

umbemo. Nyuzuza, O Mwami Imana, nyuzuza ibyiza n'imbabazi Byawe."

²⁰⁹ Mwami Yesu, iyo Soko idakama! Ndasenga, Mana, kugira ngo wuzuze buri wese muri bo. Reka Umwuka Wera amanuke hano. Ndasenga, Mana, kugira ngo twibagirwe ibindi byose; Umwuka Wera umanuke hagati yacu, nonaha, kandi uzaduhe kuri ayo Mazi y'Ubugingo, ku buntu, aturutse ahantu hose. Byemere, O Mana. Mu gihe—gukomeza amasengesho n'indirimbo, bigendera hamwe, Mwami, kumenya ko Ukugaragara Kwawe, Ukugaragara Kwawe kwa Kimana, turashaka kuza kw'Isoko. Turashaka umubatizo nyawo, w'ukuri hamwe n'Umwuka Wera. Mwami, aba bantu barimo kubisengera. Ndasenga ngo, uyu mwanya ubungubu, ko buzura ibi byiza by'Imana. Byemere, O Mana. Umva isengesho ry'abana bawe. Reka uze mu mibereho yabo, reka Imbaraga z'Imana, n'Umwuka Wera, zibatwikire. Bikore, Mana.

²¹⁰ O mbega ukuntu tugushimira kubwo kugarura ubuyanja, n'Ukugaragara kw'Imana ishobora byose yo mw'Ijuru, ihagaze hagati yacu! Kuri iyi saha ya saa sita, Mwami, tugaburire! Mwami, turashaka Ibiryo ku meza Yawe. Utugaburire, Mwami, nonaha. Utugaburire n'Umwuka Wera, mu buzima bwacu. Roho yacu irashonje kandi ifite inyota. Nk'uko Wabivuze mu gusobanura indirimbo, "Yazadusukira amazi ku butaka bukakaye." Reka bibeho, Mwami. Reka Amagambo Yawe agaragare mu mitima y'abana Bawe, "Amazi ku butaka bwumye, bukakaye." Mana Ihoraho, umva isengesho ry'umugaragu Wawe, kandi uduhe uwo Mugisha. Amina.

Yoo, mbega ukuntu nkunda Yesu,

²¹¹ Komeza umuramye nonaha. Menya ko, Umwuka Wera ari hano. Niba utamwakiriye, ni amakosa yawe.

. . . mbega uko nkunda Yesu,

"Urakunda kuruta ibi?"

. . . nkunda Yesu,
Kuko yabanje kunkunda.

Yoo, mbega ukuntu nkunda . . . (Imana Ihimbazwea!)

Yoo, mbega ukuntu nkunda . . . (Byagenda bite
Aramutse aje muri aka kanya?)

Yoo, mbega ukuntu nkunda Yesu,
Kuko yabanje kunkunda.

Sinzigera mutererana,
Sinzigera mutererana,
Sinzigera mutererana,
Kuko yabanje kunkunda.

Igitangaje, gihebuje, Yesu ni uwanjye,

Umujyanama, Igikomangoma cy'Amahoro,
 Imana ishobora byose;
 Yoo, unkize, unkize ibyaha byose n'ikimwaro,
 Igitangaje ni Umucunguzi wanjye, himbaza
 I...

212 Reka tuyimuririmbire nonaha!

Igitangaje, cyiza, Yesu ni uwanjye,
 Umujyanama, Igikomangoma cy'Amahoro, Ni
 Imana ishobora byose;
 Yoo, unkize, unkize ibyaha byose n'ikimwaro,
 Igitangaje ni uko ari Umucunguzi wanjye,
 Izina Rye rihimbazwe!

213 Abiyumvamo ibyo bose, muvuge muti: "Amina." [Itorero
 riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Yoo, aleluya! Ndabona
 abantu bamwe batambuka nonaha, hamwe n'Umwuka Wera.

Nari narazimiye, none ndabonetse, nta
 gucirwaho iteka,
 Yesu atanga umudendezo n'agakiza kuzuye;
 Kunkiza, kundinda ibyaha byose n'isoni zose,
 Igitangaje ni Umucunguzi wanjye, himbaza...

Reka tuzamure ibiganza nonaha kandi rwose dushimire...

Yoo, igitangaza, cyiza, Yesu ni uwanjye,
 Umujyanama, Igikomangoma cy'Amahoro, Ni
 Imana Ishobora byose;
 Yoo, unkize, unkize ibyaha byose n'ikimwaro,
 Igitangaje ni Umucunguzi wanjye, mpimbaza
 Izina Rye!

214 Muramukunda? Yoo, mbega byiza! Dushimire iyo Soko
 yuzuye Amaraso, aho abanyabyaha batakaza ubwoba
 bw'abantu, gucirwaho iteka, umudendezo gusa muri We.
 Haleluya! Oh, icyubahiro kube icy'Imana, ibyo ni byiza rwose!

215 Noneho mu gihe twongeye kuririmba ibyo,
 reka Umumetodiste, Umubatisita, Umugatolika,
 Umuperesipiteriyeni, ni ki, mu gihe turirimba ngo, "Igitangaje,
 Yesu ni uwanjye," reka duhindukire duhane ibiganza, gira gusa
 uguhuza neza. Urabizi, njyewe, ni byo nkunda. Ngwino, reka
 tuyiririmbe nonaha mu gihe tubikora.

Yoo, igitangaza, cyiza, Yesu ni uwanjye,

216 [Mwene Data Demos Shakarian avugana na mwene Data
 Branham, "Mwene Data Branham, Nabonye ijambo kuri
 Perezida Johnson, yihutiye kujya mu bitaro arwaye umutima,
 tugomba kumusengera ndetse n'igihugu yacu." Umuntu ati:
 "Reka dutegereze umunota."—Ubwanditsi.]

...igitangaza, Yesu ni, (Ni byo.)
 Yoo, Umujyanama, Igikomangoma
 cy'Amahoro,

²¹⁷ [Mwene Data Shakarian yongera kuvugana na mwene Data Branham, “Mumbabarire, kandi mwongere kumbabarira, mwagabanya umunota umwe gusa?” Mwene Data Earl Prickett ayobora iteraniriro mu kuririmba, *Igitangaza*. Ahantu hatagaragara kuri kaseti. Itorero riririmba *Hariho Uruzi rw’ubugingo*. Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.]

Bibiliya iravuga iti, “Musengere abategetsi.”

²¹⁸ Data wacu wo mw’Ijuru, duhagaze dukeneye cyane umuyobozi mukuru w’igihugu cyacu, Perezida wacu. Ashobora kutigera abimenya, Mwami, ariko urabizi. Ndasengera mwene Data Johnson, nk’uko avuga ko akwizera. Kandi, Data, indwara y’umutima, twumvise ko, yamukubise. Ndasenga, Mana, kurokora ubuzima bwe. Turi muri i—ikibazo cy’igihugu muri kano kanya, uko byagenda kose. Reka Umwuka Wawe umugereho, Mwami. Kandi ubungubu, mu bitaro cyangwa aho yaba ari hose, reka Umwuka Wawe umanuke muri ibyo Bitaro bya Walter Reed hanyuma ukore ku mubiri we, urokore ubuzima bwe. Mwami, umugabo afite igitutu, igitutu kirenze ibyo twumva. Turasenga rero, Mana, nk’abizera kandi nk’igice kiri ishyanga, dusengera umuyobozi wacu, ngo Umwongerere igihe cyo kubaho, muri iyi saha ikomeye, mw’Izina rya Yesu Kristo. Amina. 

65-0123 Ibitega Bitobotse
Ramadan Inn
Fowenigisi, Arizona Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org